Unity Club

*"Towards a common goal"*

# RAPORO Y'IHURIRO RYA 15 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

**INSANGANYAMATSIKO:**

"NDI UMUNYARWANDA: IGITEKEREZO-NGENGA CY'UKUBAHO KWACU".

Kigali, 10 & 12 Ugushyingo 2022

# I. ISHAKIRO


**I. ISHAKIRO** 3

**II. INTANGIRIRO** 4

**III. INSANGANYAMATSIKO Y'IHURIRO RYA 15 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI** 4

**IV. INTEGO Y'IHURIRO RYA 15 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI** 5

Intego rusange 5

Intego zihariye 5

**V. IMIGENDEKERE Y'IHURIRO RYA 15 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI** 5

V.1. Umunsi wa mbere 5

V.2. Umunsi wa kabiri 9

V. 2.1. Ibiganiro 9

a) Ikiganiro mbwirwaruhame 9

b) Ikiganiro nyunguranabitekerezo 10

V. 2.2. Imirimo mu matsinda 11

V. 2.3. Kumurika ibyavuye mu matsinda 12

**VI. GUTANGA ISHIMWE RY'UBUMWE KU BARINZI B'IGIHANGO MU MWAKA WA 2022** 15

**VII. KUMURIKA IBYEMEZO-NGIRO** 16

**VIII. UMUGOROBA W'IGITARAMO USOZA IHURIRO** 17

**IX.UMWANZURO** 20

## II. INTANGIRIRO

Mu rwego rwo gukomeza kwiyubaka kw'Abanyamuryango no kuba ku isonga mu kubaka no kubungabunga ubumwe bw'Abanyarwanda, Unity Club Intwararumuri itegura Ihuriro ngarukamwaka rihuza Abanyamuryango bayo n'abandi bayobozi mu nzego z'Igihugu.

Ni muri urwo rwego ku matariki ya 10 na 12 Ugushyingo 2022, mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, hateraniye Ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwararumuri. Ihuriro ryateguwe ku bufatanye na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE). Iri huriro rya 15 ryabaye rikurikiye irya 14 ryizihirijwemo isabukuru y'imyaka 25 umuryango Unity Club Intwararumuri wari umaze ushinzwe. Imyaka 25 yuje ibigwi n'inararibonye mu guteza imbere ubumwe bw'Abanyarwanda.

Unity Club, ni urugero rw'ubudaheranwa n'umwato w'abashyize hamwe bagamije kwishakamo ibisubizo binyuze mu biganiro byimbitse, byubakiye ku bumwe, ukuri n'ubworoherane, kugira ngo haboneke ibisubizo birambye, byubaka buri wese ndetse n'igihugu.

Ubumwe n'ubudaheranwa Intwararumuri zitoza Abanyarwanda, bugaragarira mu ndangagaciro zabo, mu ruhererekane n'ubwuzuzanye mu miyoborere hagati y'abacyuye igihe mu nshingano n'abagenda babakorera mu ngata. Uwo muco mwiza ugatozwa abato bahabwa urubuga, impanuro no gutegwa amatwi mu mahuriro ngarukamwaka y'Intwararumuri.

Ihuriro rya 15 ni Intango y'ikivi gishya mu cyerekezo cyo gukomeza kuba urumuri rw'ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda, bikaba kandi mahire ko iki kivi gitangiye mu gihe Leta y'u Rwanda yashyizeho Ministeri nshya y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Ishingano Mboneragihugu (MINUBUMWE). Ministeri ifite mu nshingano kubungabunga amateka y'u Rwanda, gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda, no guteza imbere uburere mboneragihugu. Ifite kandi inshingano zo guteza imbere ubuyobozi, gukumira jenoside, kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo no guhangana n'ipfobya n'ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi. Ishyirwaho ry'iyi Ministeri rishimangira ubushake bukomeye bwa Leta y'u Rwanda bwo gukomeza kubakira ku ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda.

Inshingano za MINUBUMWE zihura n'Intego z'Umuryango Unity Club Intwararumuri zo kwimakaza umuco w'ubumwe n'amahoro byo nkingi y'iterambere rirambye. Akaba ariyo mpamvu Unity Club ifatanya na MINUBUMWE mu kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa binyuze muri gahunda zihuriweho, harimo n'iri huriro ngarukamwaka.

Ihuriro rya 15 ryabaye na none mu gihe hasatirwa umusozo wa gahunda y'iterambere y'imyaka irindwi ya Guverinoma. Nk'Intwararumuri ziri ku ruhembe rwo kwesa imihigo ikubiye muri iyi gahunda, ni umwanya wo gukora "isuzuma" rigamije kwihuta, gutekerereza no kumurikira u Rwanda n'Abanyarwanda.

## III. INSANGANYAMATSIKO Y'IHURIRO RYA 15 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

Ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwararumuri rifite Insanganyamatsiko igira iti: "Ndi Umunyarwanda igitekerezo - ngenga cy'Ukubaho kwacu''. Ni insanganyamatsiko imaze imyaka 3 yubakirwaho ibiganiro by'amahuriro ya Unity Club. Iyi nsanganyamatsiko ubwayo yibutsa Abanyarwanda ko bagomba guharanira kubaka Ndi Umunyarwanda igenga ukubaho kwabo, bitari mu mvugo gusa ahubwo bagasabwa kwisuzuma muri yo, bareba uko imigirire n'imibereho yabo itabusanya n'iyo njyana.

Uretse kuba Ndi Umunyarwanda ari icyomoro n'igihango, ni isooko ivomwamo indangagaciro zubatse u Rwanda, zikaba inkingi z'ubudaheranwa bwatumye u Rwanda rwikura mu bihe by'amage rwanyuzemo. Ni muri urwo rwego ari ingenzi kurebera hamwe ishingiro ry'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, ibyagezweho n'uburyo uwo muco ukwiye gukomeza gutozwa Abanyarwanda bose.

Nk'uko byasobanuwe na Nyakubahwa Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, iyi nsanganyamatsiko ifite igisobanuro kinini: "Itwibutsa ko dufite inshingano yo gukomeza kubaka ubunyarwanda nk'indangamuntu, atari ubwenegihugu gusa.. Muri ibi bihe tugezemo, isi irimo kuba imwe, ubudasa n' umwihariko bya buri Gihugu uba ukenewe ko ba nyirawo bawurinda kugira ngo udatakara. Ni byiza kugira ibyo twigira ku bandi n'umuco wacu ugakura ariko ukaguma kuba indangamuntu yacu. Aho ni ho Ndi Umunyarwanda igomba kuduha umwihariko, ikadufasha kubaka umuntu w'imbere ufite imico n'imikorere bimugaragaza nk'Umunyarwanda nk'uko umuco dusangiye uturanga. Nagira ngo mbwire buri wese nti twahisemo kuba umwe kuko turi bene kanyarwanda."

## IV. INTEGO Y'IHURIRO RYA 15 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

### Intego rusange

Ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwararumuri ryari rifite intego rusange yo gukomeza umuco w'ibiganiro byubaka ubumwe n'ubudaheranwa, Ndi Umunyarwanda igakomeza kuba igitekerezo ngenga mu mibereho n'imigirire y'Abanyarwanda.
Intego zihariye

1. Gusesengurira inkingi z'ubudaheranwa n'uburyo bwo kwimakaza uwo muco mu muryango nyarwanda;
2. Kugena ingamba na gahunda z'ibiganiro bihoraho hagati y'abakuru n'ababyiruka bigamije kubasobanurira amateka no kubatega amatwi;
3. Gusuzuma ingamba zakwifashishwa kugira ngo Ndi Umunyarwanda ihinduke ingengabuzima mu mikorere n'imibereho y'Abanyarwanda;
4. Gusesengura ubwuzuzanye bw'ishuri n'umuryango mu kwimakaza indangagaciro no kurinda urubyiruko kwishora mu ngeso mbi;
5. Kurebera hamwe ingamba zikwiye mu guhangana n'imvugo zibiba urwango n'amacakubiri cyane izifashisha imiyoboro y'imbuga nkoranyambaga;
6. Guha imbaraga n'agaciro ibikorwa ntangarugero mu kurinda Igihango cy'ubunyarwanda.

## V. IMIGENDEKERE Y'IHURIRO RYA 15 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

Imirimo y'Ihuriro yatangijwe kandi iyoborwa n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri, Nyakubahwa Jeannette KAGAME, Madamu wa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda. Ihuriro rya 15 ryabaye mu minsi ibiri: tariki 10 n'iya 12 Ugushyingo 2022.

### V.1. Umunsi wa mbere

Umunsi wa mbere w'ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwararumuri wabaye ku wa kane tariki ya 10 Ugushyingo 2022. Wabereye mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda ku Kimihurura. Ni umunsi wahariwe Inteko rusange n'umwiherero ngarukamwaka w'Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri gusa. Intego nyamukuru y'uwo munsi kwari ukuganira ku buzima bw'Umuryango no kwakira abanyamuryango bashya.

Umunsi wa mbere waranzwe n'ibice 2: Inteko rusange y'abanyamuryango byuzuye (Effective members) n'umwiherero w'abanyamuryango bose.

Inteko Rusange: Yayobowe na Chairperson HE Jeannette KAGAME, yaranzwe n'ibikorwa bikurikira:

- Kwemeza raporo y'Ibikorwa 2021-2022
- Kwemeza ibikorwa biteganyijwe mu mwaka wa 2022/2023;
- Kumurika raporo ya Komite Ikemura Amakimbirane.

**Amwe mu mafoto agaragaza imirimo y'Inteko Rusange**





Umwiherero: Waranzwe Kwakirwa Abanyamuryango bashya n'Ikiganiro nyunuranabitekerezo




Abanyamuryango ba Unity Club bitabiriye Umwiherero

**Kwakira Abanyamuryango bashya:**





Bamwe mu banyamuryango bashya bakiriwe

### Ikiganiro mbwirwaruhame:

Mu mwiherero hatanzwe ikiganiro cyagarutse ku “ubudaheranwa bw’Abanyarwanda mu muco no mu mateka yabo, ubwuzuzanye bw’ishuri n’umuryango mu kwimakaza indangagaciro nyarwanda ndetse n’uburyo bwo kwimakaza ibiganiro hagati y’abakuru n’abato”. Icyo kiganiro cyatanzwe n’itsinda ry’inzobere rigizwe na Hon. Tito Rutaremara, Prof. Rutembesa Eugène, Hon. Uwamariya Valentine na Josué Niwemutabazi (urubyiruko). Cyayobowe n’Umuyobozi Nshingwabikorwa muri MINUBUMWE ushinzwe Ubumwe, Itorero n’Uburere Mboneragihugu Madamu Kayirangwa Anita.




Abatanze ikiganiro: Uhereye ibumuso: Prof. RUTEMBESA Eugène, Hon. Tito RUTAREMARA, Madamu Kayirangwa Anita, Hon. UWAMARIYA Valentine, Josué NIWEMUTABAZI

Iki kiganiro cyatangiwemo impanuro zitandukanye: Hon. Tito Rutaremara yasobanuye ibihe by’amage Abanyarwanda banyuzemo n’uburyo bagiye bishakamo ibisuzo, yerekana urugendo rwo kubaka ubudaheranwa bw’igihugu n’abagituye nyuma yo gushegeshwa na Jenoside yakorewe Abatutsi. Yasoje agaragaza inzitizi zigihari zishobora kubangamira ibyagezweho harimo kwirara, kutarwanya ingeso mbi, ivangura n’amacakubiri, n’ingengabitekerezo ya Jenoside, n’ibindi.

Prof. Rutembesa Eugène we yagarutse ku bikomere Abanyarwanda bakomora kuri Jenoside yakorewe Abatutsi. Ibyo bikomere bigaragara mu byiciro byose by’Abanyarwanda: mu barokotse, mu bayikoze, abahunze bagahunguka n’imiryango yabo, urubyiruko rutazi inkomoko yarwo, n’abandi. Ibyo bikomere bikaba bitera ihungabana n’ibindi bibazo byo mu mutwe. Mu rwego rwo guhangana n’iryo hungabana, Prof. Rutembesa Eugène yagaragaje uburyo umuryango nyarwanda ugenda wishakamo ibisubiro harimo Amashyirahamwe n’imiryango yavutse: Ibuka, AVEGA, AERG, GAERG; Kwibuka n’ibindi. Ibyo ni ibyatumye abantu bataba bonyine, barwanya kwigunga kandi bakumva ko bari mu muryango, bari kumwe n’abandi.

Minisitiri w’Uburezi Dr Uwamariya Valentine nawe yagarutse ku bwuzuzanye bukenewe hagati y’umuryango n’ishuri. Yerekanye ko umubyeyi n’ishuri bagomba kuzuzanya mu guha umwana uburere bukwiye. Yagarutse ariko kuri zimwe mu nzitizi zituma ubwo bwuzuzanye budatanga umusaruro ukwiye harimo ababyeyi batabonera umwanya abana, abarimu badaha indangagaciro abo bashinzwe, n’ibindi.

Nk’urubyiruko, Niwemutabazi Josué yibanze ku ruhare rw’ibiganiro bigomba kongerwa hagati y’abakuru n’abato. Ashimangira ko abakuru bagomba kugena igihe cyo kuganira

n'ababyiruka, bakababafasha gusobanukirwa ukuri kw'amateka yacu, bakanabagaragariza ko bafite inshingano yo gukunda igihugu, kukirinda no kugiteza imbere. Yashimangiye kandi ko abakuru bagomba gutanga urugero rwiza muri byose, rukaba umurage mu babyiruka.

### V.2. Umunsi wa kabiri

Umunsi wa kabiri w'Ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwararumuri wabaye ku wa gatandatu tariki ya 12 Ugushyingo 2022, mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda Abitabiriye Ihuriro barimo Abanyamuryango ba Unity Club n'abandi bayobozi batandukanye mu Nzego z'Igihugu, abayobozi b'amadini, abayobozi ba sosiyete sivile, Abahagarariye abikorera n'urubyiruko, bose hamwe bagera kuri 400. . Imirimo y'umunsi yafunguwe kandi iyoborwa na Nyakubahwa Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club.
Mu ijambo rye, Nyakubahwa First Lady Jeannette Kagame yashimangiye ko: "Amahitamo yacu ariyo yatumye mu myaka 28 dushobora kongera gusana umuryango nyarwanda no guteza imbere Igihugu cyacu tutirengagije ko inzira ikiri ndende". Yibukije kandi ko "Ndi Umunyarwanda ikwiye kudufasha kubaka umuntu w'imbere: ufite imico n'imikorere bimugaragaza nk'Umunyarwanda, nk'uko umuco dusangiye uturanga".




Nyakubahwa First Lady Jeannette Kagame ageza ijambo ku bitabiriye Ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwararumuri mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda.

Ku munsi wa kabiri, igice cya mbere cyaranzwe n'ibiganiro, imirimo yo mu matsinda, gutangaza no gutanga ishimwe ku Barinzi b'Igihango b'umwaka wa 2022.

#### V. 2.1. Ibiganiro

#### a) Ikiganiro mbwirwaruhame

Ikiganiro mbwirwaruhame cyatanzwe na Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr Bizimana Jean Damascène. Ni ikiganiro cyagaragaje ishusho y'aho u Rwanda ruvuye, aho rugeze n'icyerekezo mu rugendo rw'ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda. Muri icyo kiganiro, Minisitiri Dr Bizimana Jean Damascène yagaragaje ko kubaka ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda ari uguhozaho.




Minisitiri yagize ati:

***"Dufatanyije, turasabwa kwiyakira, no kwakirana, tukareka gukomeza gutsikamirwa n'amateka. Tugakomeza icyerekezo kimwe cy'ubumwe, twemye kandi tubohotse koko, iyi nzira ni yo izadufasha no kwigira."***

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr Bizimana Jean Damascène

**b) Ikiganiro nyunguranabitekerezo**

Mu ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwararumuri, hatanzwe ikiganiro nyunguranabitekerezo gifite insanganyamatsiko igira iti "Imico n'imyifatire y'inzaduka bibangamiye igitekerezo ngenga cy'ukubaho kwacu". Icyo kiganiro cyatanzwe n'itsinda ry'inzobere rigizwe na Ladislas Ngendahimana (Umunyamabanga Mukuru wa RALGA), Nathalie Munyampenda (Umuyobozi wa Kaminuza ya Kepler), Senateri Evode Uwiringiyimana n'Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda CP John Bosco Kabera. Ikiganiro cyayobowe na Sandrine Isheja Butera (Umunyamakuru kuri KISS FM).

Abatanze ikiganiro bagarutse ku ndangagaciro zikwiye kwimakazwa mu muryango nyarwanda n'ingamba zihariye zikwiye gushyirwaho mu kwimakaza izo ndangagaciro, kurerera u Rwanda mu gihe turimo, imyitwarire ishingiye ku mico y'inzaduka igaragara mu muryango nyarwanda (mu rubyiruko, mu babyeyi, mu bayobozi), imiyoboro y'ingenzi inyuzwamo imico y'inzaduka, gukumira imico y'inzaduka, n'imyitwarire ikwiye kuranga umuyobozi yaba ari mu nshingano cyangwa atakizirimo.




Abatanze ikiganiro: Uhereye ibumoso: Hon. UWIZEYIMANA Evode, NGENDAHIMANA Ladislas, ISHEJA Sandrine, MUNYAMPENDA Nathalie, CP Jean Bosco KABERA.

Mu mwanya wo kungurana ibitekerezo, abitabiriye ihuriro bagaragaje ko imico n'imyifatire y'inzaduka bibangamiye igitekerezo ngenga cyo kubaho kw'Abanyarwanda, bashimangira ko iyo myitwarire iramutse idakumiriwe, ikwirakwira ryayo ryabangamira urugendo rw'ubumwe n'ubudaherwanwa Abanyarwanda bifuza.

Kuri uwo munsi kandi Abanyeshuri bahize abandi mu marushanwa ya Ndi Umunyarwanda mu Mashuri Makuru na Kaminuza mu cyiciro cy'Imivugo n'Indirimo, basusurukije abitabiriye Ihuriro.



Indirimbo: Imbuto iranda- Israël & Protegène


Umuvugo: Isano Dusangiye - Régine UMUHOZA

### V. 2.2. Imirimo mu matsinda

Ibiganiro mu matsinda byibanze ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda, uruhare rw'uburerere mu muryango no mu mashuri mu gukumira ingeso mbi n'imico y'inzaduka; hamwe n'indangagaciro zikwiye kuranga umuyobozi uri mu nshingano n'utakizirimo. Abitabiriye Ihuriro bose bagabanyijwe mu matsinda atandatu, yaganiriye ku ngingo eshatu zikurikira:

### Ingingo ya 1: Indangagaciro z'Umuco Nyarwanda: kuzimenya, kuzimenyekanisha no kuzitoza Abanyarwanda.

**Abunguranye ibitekerezo kuri iyi ngingo bibanze ku:**
- Kwibukiranya indangagaciro z'Umuco Nyarwanda n'uburyo zimenyekanishwa;
- Gusuzuma uburyo bukwiye bwo gutoza indangagaciro z'Umuco Nyarwanda mu byiciro byose.

### Ingingo ya 2: Uruhare rw'uburere mu muryango no mu mashuri mu gukumira ingeso mbi n'imico y'inzaduka

**Abunguranye ibitekerezo kuri iyi ngingo bibanze ku:**
- Uburyo bwo guhuza inshingano za kibyeyi no gushaka iterambere (Umwanya ababyeyi bamarana n'abana, kwakira imico y'ahandi udatakaje umwimerere w'uwawe);
- Uburyo bwo kurera umwana akagira ubushobozi bwo kumva, gusesengura no guhitamo igikwiye kandi akabitozwa kuva akiri muto;
- Ingamba zo kurinda no kurengera urubyiruko rwishora mu ngeso mbi (Uruhare rw'umuryango, Leta n'urubyiruko ubwarwo).

### Ingingo ya 3: Indangagaciro zikwiye kuranga umuyobozi uri mu nshingano n'utakiriziririmo

**Abunguranye ibitekerezo kuri iyi ngingo bibanze ku:**
- Icyakorwa mu kwimakaza indangagaciro zikwiye umuyobozi ubereye u Rwanda;
- Uburyo bwo gutegura no gufasha abayobozi bakiri bato (Coaching and mentoring young leaders).

## V. 2.3. Kumurika ibyavuye mu matsinda

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, buri tsinda ryamurikiye abitabiriye ihuriro bose iby'ingenzi baganiriyeho.

### Ingingo ya 1: Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda: kuzimenya, kuzimenyekanisha no kuzitoza Abanyarwanda

**Abaganiriye kuri iyi ngingo bafashe imyanzuro ikurikira:**

- Indangagaciro remezo ni enye (4): Gukunda Igihugu, Ubumwe, Ubupfura, Umurimo; ariko zifite izizishamikiyeho.
- Indangagaciro yo gukunda igihugu niyo nkingi ya mwamba;
- Imfashanyigisho yazo yarateguwe ariko ntiyageze kuri bose
- Indangagaciro remezo zihuriweho n'Abanyarwanda bose, bakaba bose bagomba kuzitozwa.
- Hari indangagaciro zigaragaza umwimerere w'Abanyarwanda: Ubudaheranwa, Kutemera gutsindwa;
- Kirazira zirinda indangagaciro zacu ababyeyi n'abayobozi bakwiye kuzitaho;
- Kuzirikana ko indangagaciro ziri mu buzima bwa buri munsi kandi ko buri wese afite inshingano zo kuzimakaza;
- Ni ngombwa kwiga no kumenya amateka y'Igihugu no gusigasira umuco;
- Hari Indangagaciro zihariye zikwiye gutekerezwaho bitewe n'umwihariko wa buri cyiciro (umurimo, inshingano) /buri rwego kandi zigatozwa abari muri ibyo byiciro;
- Abari mu itsinda basuzumye uburyo bukwiye bwo gutoza indangagaciro z'umuco nyarwanda, basanga ari ngombwa:
- Guhererekanya indangagaciro hagati y'umubyeyi n'umwana;
- Gutega amatwi urubyiruko no guha agaciro ibitekerezo byabo, kwifashisha

imiyoboro bakoresha (social media n'izindi platform) mu kubatoza indangagaciro;
- Gutoza abana indangagaciro z'ibanze bihereye mu muryango, uko bakura bagatozwa indangagaciro zijyanye n'igihe bagezemo;
- Kwimakaza gutoza indangagaciro binyujijwe mu burere bwo mu muryango, mu mashuri, mu buhanzi, mu bitabo, film, cartoon....
- Guhuza imvugo n'ingiro, hakabaho gutoza ibyo ukora;
- Gutanga urugero rwiza ku bakiri bato, kubaha abo uyobora, no kutarebere ikibi gikorwa n'uwo ariwe wese;
- Gutoza imyitwarire ikwiye mu muryango n'ibindi.

**Ingingo ya 2: Uruhare rw'uburere mu muryango no mu mashuri mu gukumira ingeso mbi n'imico y'inzaduka**

**Abaganiriye kuri iyi ngingo bafashe imyanzuro ikurikira:**

- Ababyeyi bagomba kubera abana urugero, bakababonera umwanya wo kubaganiriza no gusubiza ibibazo byabo, kubatoza indangagaciro z'umuco nyarwanda, bikabafasha gukura biyumvamo Ndi Umunyarwanda nk'igitekerezo ngenga cy'ukubaho kwabo;
- Ababyeyi bakwiye kuba ab'umuryango nyarwanda mw'ishusho ya Malayika Murinzi ntihagire umwana ubura umubyeyi umwitaho;
- Kuvugurura no kumenyekanisha imfashanyigisho zihari zijyanye n'indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda ndetse n'izihariye kuri Ndi Umunyarwanda no guhugura ababyeyi n'abarezi kuzikoresha;
- Gushyira gahunda ya Ndi Umunyarwanda na gahunda z'umugoroba w'umuryango muri porogaramu y'Inteko z'Abaturage ikagenerwa umwanya uhagije kugirango abantu babiganireho byimbitse;
- Gufasha abana kugira inshingano bakiri bato no kubashakira aho bisanzurira mu mikino ku buryo bububaka aho guhugira mu byabasenya;
- Gushyiraho ingamba zo guca ubusinzi, ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'ubwomanzi no kugira inama abagabo n'abagore kubonera umwanya umuryango kugirango bafatanyirize hamwe kubaka urugo no kurerera hamwe abana;
- Kwigisha urubyiruko gukoresha neza ikoranabuhanga bagashobora kuvomamo ibibafitiye akamaro kandi bibubaka;
- Gushyiraho gahunda yo kwigisha abana indangagaciro z'umuco nyarwanda mu mpera z'icyumweru no mu biruhuko mu bufatanye bwa leta, ababyeyi n'abandi bafatanyabikorwa;
- Gushyiraho ingamba zo kwigisha abitegura gushinga urugo, komora ibikomere, kubatoza kurera no kubana, kandi bigakorwa mu rwego rw'umuryango (community);
- Gukangurira abaganga kumenya imibereho n'imitekerereze y'ababyeyi ntibite gusa ku bibazo by'ubuzima bugaragara igihe ababyeyi batwite baje babagana;
- Gutoza indangagaciro abakozi bo mu rugo zibafasha kwita ku bana igihe ababyeyi badahari;
- Gushyiraho ingamba zo gukumira ibitera ingeso mbi mu rubyiruko, Abanyarwanda bose bakabigiramo uruhare (urugero: utubari tugaragaramo ubusinzi bukabije, amashuri agaragaramo ibiyobyabwenge, n'ibindi);
- Gutoza urubyiruko rwiga n'urutiga ikinyabupfura bakumva impanuro z'ababyeyi haba mu cyaro no mu mijyi.

**Ingingo ya 3: Indangagaciro zikwiye kuranga umuyobozi uri mu nshingano n'utakizirimo**

Abaganiriye kuri iyi ngingo basanze indangagaciro zikwiye kuranga umuyobozi zirimo Gukunda abo uyobora, Kuba icyitegererezo (Role Model: Bandebereho), Guharanira ubunyarwanda, kugira imyitwarire ntangarugero: Gukunda u Rwanda n'Abanyarwanda no guharanira inyungu rusange, Kuvugisha ukuri, Gukora ibikorwa byivugira, Kwicisha

bugufi (Humility), Gutega amatwi abayoborwa, Ubudaheranwa, Kumenya kujyana n'ibihe bihinduka (Proactivity spirit), Gufata ibyemezo bikwiye mu gihe gikwiye, Kwitanga (Sacrifice), Kuba umwizerwa (Honesty), Kugira abandi inama, Gukunda umurimo, kuwunoza no kuwitangira, Guhuza imvugo n'ingiro, Kuboneka (Availability), Kureba kure (Forecast), Kudatsimbarara (Flexibility), Ubupfura, Kudasenya ibyo asanze (Continuity and sustainability), Gusobanukirwa ubudasa n'icyerekezo by'u Rwanda ari na cyo agomba kuganishamo abo ayobora.

Abagize itsinda baganiriye kandi ku buryo abayobozi bakwiye kugira uruhare mu kwimakaza indangagaciro zavuzwe. Mu byagarutsweho harimo kubazwa no gusobanura inshingano (Accountability), kutavangura abo ayobora (Inclusivity), kumenya kujyana n'impinduka (Adaptability and adjustment) byafasha kwirinda generational conflict, kugaruka ku muco wo guhwiturana no gucyahana udakomerekeje no gusasa inzobe hagati y'abayobozi mu rwego rwo gukosora ibitagenda neza.

Abagize itsinda baganiriye kandi ku buryo bwo gufasha abayobozi. Mu byakorwa ku bayobozi bashya harimo gutegura amahugurwa y'abayobozi bashya (Induction courses) binyuze mu nzego (Structures) zizwi zemewe, kwinjiza isomo rya leadership mu masomo yo mu mashuri

yisumbuye cyangwa kaminuza, gushyiraho leadership academy yigisha abashya ikanahugura abasanzwe mu kazi, abayobozi bashya bagomba guhabwa urugero n'abafite uburambe n'ubuhamya bwabafasha, guharanira kubaka izina yirinda ingeso zamwicira career.

Ku bayobozi batakiri mu nshingano, nabo bafite inshingano yo gukomeza gutwara urumuri aho bari hose. Bagomba kurinda izina ryabo aho ari hose kugira ngo bubahishe n'urwego rwari rwaramugiriye icyizere, gukomeza kuba abaturage beza bitabira gahunda za Leta zose. Inzego z'ibanze zikwiye gukomeza gutumira no kwifashisha abavuye mu nshingano kugira ngo bakomeze kubera abandi urugero.





Amwe mu mafoto agaragaza abari mu matsinda

Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda, buri tsinda ryamurikiye abitabiriye ihuriro iby'ingenzi bagezeho. Nyuma yo kumurika ibyavuye mu matsinda, hashimwe akazi kakorewe mu matsinda, hakurikiraho igikorwa cyo gutanga ishimwe ry'ubumwe mu mwaka wa 2022.

## VI. GUTANGA ISHIMWE RY'UBUMWE KU BARINZI B'IGIHANGO MU MWAKA WA 2022

Gutoranya, gushimira no kumenyekanisha Abarinzi b'Igihango ni igikorwa ngarukamwaka kiri muri gahunda zunganira Ndi Umunyarwanda. Cyatangiye mu mwaka wa 2015 kigamije kumenya, kumenyekanisha no guha agaciro ibikorwa ntangarugero byimakaza ubumwe n'ubudaheranwa byakozwe n'Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga.
Gusa rero, nyuma y'imyaka 28 Jenoside yakorewe Abatutsi ihagaritswe, Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) ifatanyije n'abandi bafatanyabikorwa barimo Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) na Unity Club Intwararumuri basanze byaba byiza ibishingirwaho mu gutoranya Abarinzi b'Igihango byaguwe mu gihe no mu bikorwa, Umurinzi w'Igihango agatoranywa hashingiwe ku budashyikirwa n'imyitwarire yihariye yamuranze mu bihe by'amage byaranze imitegekere y'u Rwanda kuva mu 1959 kugeza mu 1990, mu gihe cy'urugamba rwo kubohora Igihugu hagati ya 1990 na 1994, muri Jenoside yakorewe Abatutsi kuva muri Mata kugeza muri Nyakanga 1994 ndetse na nyuma yayo.

Nyuma y'ubushakashatsi bwakozwe ku bagomba kugenerwa Ishimwe ry'Ubumwe "Unity Award" 2022 kubera ibikorwa by'ubudashyikirwa bakoze byo kwitangira abandi no gusigasira ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda, hemejwe Abarinzi b'Igihango icumi (10). Abarinzi b'Igihango bemejwe bagizwe n'abanyamahanga batandatu (6) n'Abanyarwanda bane (4). Barindwi (7) muri bo baratabarutse, barimo umwe wishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, na ho batatu (3) baracyariho.

**Abanyarwanda ni:**

1) Musenyeri Joseph Sibomana (+),
2) Porofeseri Jean Gualbert Rumiya (+),
3) Sibomana Jean Népomuscène,
4) Mizero Iréné.

**Abanyamahanga ni:**

5) Padiri Stanislas De Jamblinne De Meux (+),
6) Padiri Réginald Greindl (+),
7) Padiri Henri Bazot (+),
8) Soeur Milgitha Paula Koïser (+)
9) Denis Gilles Vuillemin (+)
10) Judith Vuillemin

**Mbere yo kugezwaho Ishimwe, abitabiriye Ihuriro bagejejweho ibigwi byaranze buri Murinzi w'Igihango.**



Ifoto y'urwibutso y'Abarinzi b'Igihango na Nyakubahwa First Lady Jeannette KAGAME mu Nteko Ishinga Amategeko.

Porofeseri Jean Gualbert Rumiya yahagarariwe n'umugore we Mukamudenge Veneranda, abihayimana bahagararirwa na Padiri Inci Matata.

Nyuma yo kuvuga ibigwi by'Abarinzi b'Igihango , kubaha Ishimwe ry'Ubumwe no kugezwaho ijambo ry'uhagarariye Abarinzi b'Igihango ryatanzwe na MIZERO Iréné, hakurikiyeho gutangaza ibyemezo-ngiro by'Ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwararumuri.

## VII. KUMURIKA IBYEMEZO-NGIRO

Nyuma yo kwegeranya ibitekerezo byavuye mu biganiro byatanzwe mu ihuriro no mu matsinda, kubyunguranaho ibitekerezo no kubikorera ubugororangingo, hemejwe ibyemezo-ngiro bikurikira bizashyirwa mu bikorwa na Unity Club Intwararumuri n'Abafatanyabikorwa.

### Ibyemezo-ngiro by'Ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwarumuri

Kugira ngo "Ndi Umunyarwanda" ikomeze ibe igitekerezo-ngenga cy'ukubaho kwacu, idufashe kurinda no gusigasira umuco n'indangagaciro nyarwanda nk'indangamuntu yacu; Twebwe, abayobozi, ababyeyi, abakuru n'urubyiruko duteraniye mu Ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwararumuri, tumaze kumva ibiganiro n'impanuro zatanzwe, twiyemeje gukomeza kuba abayobozi bakunda igihugu, baharanira inyungu z'Abanyarwanda, badakurura bishyira, bimakaza ubumwe n'ubudaheranwa.

**Ni muri urwo rwego muri iri huriro hafashwe ibyemezo-ngiro bikurikira:**

1. Gushyiraho uburyo buhoraho bwo gusangiza ubunararibonye abakiri bato hagamijwe kubategura kuba abayobozi beza (Mentoring and coaching) kandi bigakorwa mu nzego zose z'imirimo;
2. Kwinjiza indangagaciro z'Ubunyarwanda n'Ubudaheranwa mu mfashanyigisho zigenewe umuryango n'amashuri.
3. Kugira uruhare mu kwihutisha gahunda zo gushyiraho amarerero yo kwita ku bana bato mu gihe ababyeyi babo bari mu kazi mu nzego zose;
4. Gutegura inyigisho zitoza ababyiruka indangagaciro z'umuco na kirazira zikamenyekanishwa hifashishijwe ikoranabuhanga n'ibindi;
5. Kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba z'isanamitima no kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe ku bagize umuryango bose;
6. Gukomeza urugamba rwo guhangana n'abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi, baba abari mu Rwanda cyangwa mu mahanga, kandi bikaba inshingano ya buri wese ;
7. Gukomeza ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda no gushyira umuco w'Itorero mu nzego zose;
8. Gukora ubuvugizi (advocacy) ku nzego bireba imyaka yo kwemererwa kunywa inzoga ikaba 21 no kugira uruhare mu bukangurambaga bugamije gusaba urubyiruko rutaragira imyaka 21 y'ubukure kwirinda kunywa inzoga.

## VIII. UMUGOROBA W'IGITARAMO USOZA IHURIRO

Umugoroba w'Igitaramo usoza Ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwararumuri wabereye muri Kigali Convention Centre. Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Madamu Jeannette Kagame bitabiriye uwo muhango.



Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Madamu Jeannette Kagame

Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, amaze kumurikirwa imirongo migari y'ibikorwa byaranze Ihuriro, Umukuru w'Igihugu, akaba n'Umunyamuryango w'Icyubahiro wa Unity Club Intwararumuri, yafashe ifoto n'Abarinzi b'Igihango 2022, akomeza ageza ijambo kubitabiriye Ihuriro.




Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yashimiye Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Igihugu 2022

Uwo mugoroba wasojwe n'impanuro zatanzwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika mu gitaramo cy'ubusabane.

**Umushyitsi Mukuru ageza ijambo ku bitabiriye ihuriro**



Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul KAGAME ageza ijambo ku bitabiriye Ihuriro rya 15



Abitabiriye Ihuriro bakurikiye impanuro za Nyakubahwa Perezida wa Repubulika

Mu mpanuro Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame yagejeje ku Banyarwanda, yibukije ko “Uburere, umuco, indangagaciro, buri muntu ku giti cye agomba kugira icyo abikoraho, agomba kwishakamo ubushobozi.” Yibukije Abanyarwanda ko “Kamere n’umuco ari wo musingi w’imiryango”.

Impanuro za Nyakubahwa Perezida wa Repubulika zasakajwe hakoreshejwe itangazamakuru (Radiyo na Televisiyo), n’imbuga nkoranyambaga. Ubutumwa yatanze bukaba bwarakurikiwe n’Abanyarwanda bose ndetse n’incuti zabo.
Umugoroba wuje umunezero n’ibyishimo. Nyuma yo gusangira ifunguro, abitabiriye Ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwararumuri basusurukijwe n’Itorero rya Unity Club.




Itorero rya Unity Club risusurutsa abitabiriye igitaramo gisoza Ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwararumuri

**Akanyamuneza kari kose kubitabiriye igitarmo**



Amwe mu mafoto agaragaza abitabiriye umugoroba w'igitaramo

## IX. UMWANZURO

Ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwararumuri ryatanze umurongo mushya ku bikorwa bikeneye kongerwamo ingufu mu gukomeza kubaka u Rwanda n'Ubunyarwanda kugira ngo Ndi Umunyarwanda ikomeze kuba koko Igitekerezo Ngenga cy'Ukubaho kwacu. Ni muri urwo rwego ibiganiro byatanzwe byagarutse ku ndangagaciro zigomba kuranga Umunyarwanda n'uburyo bwo kuzisakaza no kuzimakaza, hagamijwe kubaka Umunyarwanda ubereye u Rwanda.

Ibiganiro byatanzwe muri iri huriro byasize amasomo menshi afasha umuryango nyarwanda kubaka umunyarwanda ubereye u Rwanda. Ibyemezo-ngiro byavuyemo nabyo ni imirongo migari izabyazwamo ibikorwa bifatika, bifasha gukomeza kubaka no guteza imbere ihame ry'Ubunyarwanda n'umuryango nyarwanda.

# IMIGEREKA

1. Inyandiko nsobanurampamvu iriho na gahunda
2. Ijambo rya Nyakubahwa Jeannette KAGAME, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club
3. Ikiganiro cya Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu
4. Ibyemezo-ngiro na Gahunda y'ishyirwamubikirwa ryabyo
5. Ibigwi by'Abarinzi b'Igihango.

# UMUGEREKA WA MBERE:

# ISOBANURAMPAMVU

## IHURIRO RYA 15 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

**’Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo-ngenga cy’ukubaho kwacu”**

## Iriburiro

Mu rwego rwo gukomeza kwiyubaka kw’Abanyamuraryango no kuba ku isonga mu kubaka no kubungabunga ubumwe bw’Abanyarwanda, Unity Club Intwararumuri itegura Ihuriro ngarukamwaka rihuza Abanyamuryango bayo n’abandi bayobozi mu nzego z’Igihugu.

Iri huriro rije rikurikira irya 14 ryizihirijwemo isabukuru y’imyaka 25, umuryango Unity Club Intwararumuri umaze ushinzwe. Iyo myaka 25 yuje ibigwi n’inararibonye mu guteza imbere ubumwe bw’Abanyarwanda.

Unity Club, ni urugero rw’ubudaheranwa n’umwato w’abashyize hamwe bagamije kwishakamo ibisubizo binyuze mu biganiro byimbitse, byubakiye ku bumwe, ukuri n’ubworoherane, kugira ngo haboneke ibisubizo birambye, byubaka buri wese ndetse n’igihugu.

Ubumwe Intwararumuri zitoza Abanyarwanda, bugaragarira mu ndangagaciro zabo, mu ruhererekane n’ubwuzuzanye mu miyoborere hagati y’abacyuye igihe mu nshingano n’abagenda babakorera mu ngata. Uwo muco mwiza ugatozwa abato bahabwa urubuga, impanuro no gutegwa amatwi mu mahuriro ngarukamwaka y’Intwararumuri.

Ihuriro rya 15 ni Intango y’ikivi gishya mu cyerekezo cyo gukomeza kuba urumuri rw’ubumwe n’ubudaheranwa by’Abanyarwanda, bikaba kandi mahire ko iki kivi gitangiye mu gihe Leta y’u Rwanda yashyizeho Ministeri nshya y’Ubumwe bw’Abanyarwanda n’Ishingano Mboneragihugu (MINUBUMWE).

Ministeri yahawe inshingano zo kubungabunga amateka y’u Rwanda, gushimangira ubumwe bw’Abanyarwanda, guteza imbere ubuyobozi, gukumira jenoside, kurwanya jenoside n’ingengabitekerezo yayo no guhangana n’ipfobya n’ihakana rya Jenoside yakorewe Abatutsi. Ishyirwaho ry’iyi Ministeri rishimangira ubushake bukomeye bwa Leta y’u Rwanda bwo gukomeza kubakira ku ubumwe n’ubudaheranwa by’Abanyarwanda.

Izi nshingano za MINUBUMWE zihura n’Intego z’Umuryango Unity Club Intwararumuri zo kwimakaza umuco w’ubumwe n’amahoro byo nkingi y’iterambere rirambye. Akaba ariyo mpamvu Unity Club ifatanya na MINUBUMWE mu kwimakaza ubumwe n’ubudaheranwa binyuze muri gahunda zihuriweho, harimo n’iri huriro ngarukamwaka.

Iri huriro rya 15 rije na none mu gihe dusatira umusozo wa gahunda y’iterambere y’imyaka irindwi ya Guverinoma. Nk’Intwararumuri ziri ku ruhembe rwo kwesa imihigo ikubiye muri iyi gahunda, ni umwanya wo gukora “isuzuma” tugamije kwihuta, dutekerereza kandi tumurikira u Rwanda n’abanyarwanda

## II. Insanganyamatsiko y’Ihuriro rya 15

Amahuriro ya Unity Club agendera ku nsanganyamatsiko twagereranya n’ikivi cyagombaga kuswa mbere yo gutangira ikindi. Ni muri urwo rwego hari ingingo zigenda zigarukwaho mu mahuriro arenze rimwe, kugeza umusaruro wari utegerejwe ugezweho.

**Amahuriro abanza ya Unity Club yatanze umusanzu w'ibitekerezo ku bikorwa bigamije:**

- Kubaka amateka ashyira imbere ubudasa bw'u Rwanda; kudaheranwa n'ikibi, kwihesha agaciro no kwigira bishingiye k'Ubunyarwanda no kubitoza ababyiruka;
- Kudasobanya n'indangagaciro z'umuco nyarwanda, kureba kure, kubaha inshingano, kudatsimbuka ku budasa by'u Rwanda no gushyira imbere ineza n'inyungu z'umuturage mu miyoborere imushingiyeho;
- Kubaka urubuga rutekanye rw'ibiganiro bya "Ndi Umunyarwanda", bihuza urubyiruko n'abakuru no kongera ubumenyi mu kuyobora ibiganiro bya "Ndi Umunyarwanda;
- Kwegereza Abanyarwanda serivisi z'isanamitima no kongera ubumenyi n'ubushobozi mu isanamitima hagamijwe komorana ibikomere bikomoka ku mateka mabi Igihugu cyanyuzemo;
- Kubaka urubuga rutekanye kandi ruhoraho rw'ibiganiro bya "Ndi Umunyarwanda" mu Banyarwanda bari mu Gihugu no mu mahanga;
- Kugaragaza ukuri kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, kurwanya ingengabitekerezo yayo, ihakana n'ipfobya;
- Gukangurira urubyiruko kuzirikana agaciro ko kugira Igihugu, guharanira kucyubaka no kukirinda;
- Kubaka umuryango wunze ubumwe, ukize ibikomere bikomoka ku mateka mabi yaranze u Rwanda kandi ukomeye ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda.

Ihuriro rya 15 rifite Insanganyamatsiko igira iti: ''Ndi Umunyarwanda igitekerezo - ngenga cy'Ukubaho kwacu''. Ni insanganyamatsiko imaze imyaka 3 yubakirwaho ibiganiro by'amahuriro ya Unity Club. Nkuko iyi nsanganyamatsiko ubwayo ibitwibutsa, tugomba guharanira ko Ndi Umunyarwanda igenga ukubaho kwacu bitari mu mvugo gusa ahubwo tugahora twisuzumira muri yo, tureba ko imigirire n'imibereho yacu bidasobanya n'iyi njyana.

Uretse kuba Ndi Umunyarwanda ari icyomoro n'igihango, itubera isooko tuvomamo indangagaciro zubatse u Rwanda imitaga n'imitaga zikaba inkingi z'ubudaheranwa bwatumye u Rwanda rutazimira mu nzitane y'amateka aremereye rwanyuzemo. Gusesengurira hamwe ishingiro ry'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, kurebera hamwe ibyagezweho n'uburyo dukwiye gukomeza uwo muco tuwutoza ababyiruka, ni ingingo izagarukwaho mu biganiro bizaranga Ihuriro rya 15 rya Unity Club Intwararumuri.

Muri iri huriro rya 15, turifuza kugaruka ku ndangagaciro yo gukunda igihugu no gushyira imbere ukuri, zimwe mu zafashije gutsinda urugamba rwo kubohora no kubaka u Rwanda, turebera hamwe uko izi ndangagaciro zafasha guhangana n'imvugo zibiba urwango n'amacakubiri.

Unity Club Nk'Abayobozi n'Ababyeyi kandi yegereye urubyiruko mu biganiro bigamije kububakira ubudahangarwa, kwimika ubunyarwanda nk'ikirezi n'imbaraga u Rwanda rukeneye no kabavura ibikomere by'amateka. Ibi biganiro n'ubushakashatsi bwakozwe na Unity Club bukamurikirwa abitabiriye Ihuriro rya 14, bwagaragaje ko urubyiruko rukeneye kwegerwa n'abakuru, bakarugenera umwanya, bakarutega amatwi barumurikira . Ibibazo biremereye urubyiruko bigaragazwa kandi mu nyandiko y'ingamba nshya zo gukemura ikibazo cy'ubuzererezi yateguwe n'Ikigo cy'igihugu cy'Igororamuco, aho hagaragara umubare munini w'urubyiruko ruri mu buzererezi . Muri iri huriro tuzasuzuma ingamba zo gukomeza kwegera urubyiruko kandi bigakorwa ku nzego zose. By'umwihariko turifuza kugaruka ku ruhare n'ubwuzuzanye hagati y'ishuri n'ababyeyi mu gutoza ababyiruka indangagaciro nyarwanda no kubarinda imico y'inzaduka.

## III. Intego rusange

Ihuriro rifite intego rusange yo gukomeza umuco w'ibiganiro byubaka ubumwe n'ubudaheranwa, Ndi Umunyarwanda igakomeza kuba igitekerezo ngenga mu mibereho n'imigirire y'Abanyarwanda.

## Intego zihariye

1. Gusesengurira hamwe inkingi z'ubudaheranwa n'uburyo bwo kwimakaza uwo muco mu muryango nyarwanda;
2. Kugena ingamba na gahunda z'ibiganiro bihoraho hagati y'abakuru n'ababyiruka bigamije kubasobanurira amateka no kubatega amatwi;
3. Gusuzuma ingamba zakwifashishwa kugirango Ndi Umunyarwanda ihinduke ingengabuzima mu mikorere n'imibereho yacu;
4. Gusesengurira hamwe ubwuzuzanye bw'ishuri n'umuryango hagamijwe kwimakaza indangagaciro no kurinda urubyiruko kwishora mu ngeso mbi;
5. Kurebera hamwe ingamba zikwiye zo guhangana n'imvugo zibiba urwango n'amacakubiri cyane izifashisha imiyoboro y'imbuga nkoranyambaga;
6. Guha imbaraga n'agaciro ibikorwa ntangarugero mu kurinda Igihango cy'ubunyarwanda;

## Umusaruro utegerejwe muri iri huriro

- Abari mu ihuriro bahamagariwe kurushaho kwegera urubyiruko, kurutega amatwi no kurusobanurira amateka y'u Rwanda;
- Abari mu ihuriro biyemeje kubakira ku ndangagaciro zabaye inkomoko y'ubudaheranwa bw'u Rwanda n'Abanyarwanda;
- Gushimangira imikoranire iboneye n'ubwuzuzanye hagati y'ishuri n'ababyeyi mu gutoza ababyiruka indangagaciro nyarwanda;
- Gufata ingamba zo kwimakaza umuco wo gukunda igihugu no gukumira imvugo zihembera urwango cyanye cyane ku mbuga nkoranyambaga;
- Gutanga Ishimwe ry'Ubumwe ''Unity Award 2022" ku Barinzi b'Igihango batoranijwe.

## IV. Imigendekere y'Ihuriro rya 15

Imirimo y'ihuriro izakorwa mu minsi 2.

### Umunsi wa mbere

Umwihariko w'Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri, ugizwe na:

a. Inteko Rusange y'Abanyamuryango
b. Umwiherero w'abanyamuryango ba Unity Club.

### Umunsi wa kabiri, igice cya mbere

Uyu munsi uzarangwa n'ibikorwa bikurikira:

### 1. Ibiganiro

- Ikiganiro mbwirwaruhame: Ishusho y'ubumwe n'ubudaheranwa

- Ikiganiro nyunguranabitekerezo ku ngingo zikurikira:

  - Indangagaciro zikwiye kuranga umunyarwanda
  - Kurerera u Rwanda mu gihe turimo
  - Imyitwarire ikwiye kuranga umuyobozi yaba ari mu nshingano cyangwa atakizirimo(guhora atwaye urumuri
  - Uburyo imico y'inzaduka ibangamira umuco n'indangagaciro nyarwanda n'ingaruka bifite ku mutekano
  - Gusigasira ubudasa bw'u Rwanda

## 2. Imirimo mu matsinda

Kuganirira mu matsinda ni uburyo bwifashihwa mu mahuriro ya Unity Club bugaha abantu benshi uburyo bwo gutanga umusanzu wabo w'ibitekerezo. Muri iri huriro, hazaba amatsinda 6, abiri abiri aganire ku ngingo imwe. Amatsinda azagaruka ku ngingo zikurikira:

- Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda: kuzimenya, kuzimenyekanisha no kuzitoza Abanyarwanda
- Uruhare rw'uburere mu muryango no mu mashuri mu gukumira ingeso mbi n'imico y'inzaduka
- Indangagaciro zikwiye kuranga umuyobozi uri mu nshingano n'utakizirimo

## 3. Guhuza ibyavuye mu matsinda

Amatsinda atandukanye azagaragaza iby'ingenzi bagezeho kandi byunguranweho ibitekerezo, bityo mu inama rusange bizashingirweho hafatwa ingamba nshya.

## 4. Kumurika ibyemezo-ngiro

Ibitekerezo byavuye mu Ihuriro no mu matsinda bizegeranywa havemo ibyemezo-ngiro, bizashyirwa mu bikorwa na Unity Club n'Abafatanyabikorwa.

Umunsi wa kabiri, igice cya kabiri: Umugoroba w'Igitaramo
Hateganyijwe gutanga ishimwe ry'Ubumwe 2022 ku Barinzi b'Igihango batoranijwe ku rwego rw'Igihugu, kugeza kubatumirwa ibigwi byabo no kumva ijambo ry'ubahagarariye.

Igitaramo kikazasozwa n'Ijambo ry'Umushyitsi Mukuru.

## V. Abatumirwa

Ihuriro rizitabirwa n'abantu bagera kuri (300-350) bari mu byiciro bikurikira :

- Abanyamuryango ba Unity Club (bose);
- Abayobozi b'Inteko Ishinga Amategeko;
- Abayobozi b'Inzego Nkuru mu Gihugu;
- Abayobozi b'Intara n'Umujyi wa Kigali;
- Abayobozi b'Inzego z'umutekano ku rwego rw'Igihugu;
- Abanyamabanga bahoraho;
- Abayobozi muri MINUBUMWE;
- Abayobozi b'Uturere;
- Abayobozi b'Amadini;
- Abayobozi ba Civil society;
- Abayobozi ba Private sector;
- Abarinzi b'Igihango bo ku rwego rw'Igihugu;
- Urubyiruko;
- Abanyamakuru.

# GAHUNDA Y'IHURIRO RYA 15

## Umunsi wa mbere: Inteko Rusange n'Umwiherero w'Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri

**Venue:** ***Icyumba cy'Inteko Rusange ya Sena***
**Date:** ***10/11/2022***
**MC :** ***Hon. Marie Solange KAYISIRE***

<table>
<tr><td>12:30</td><td colspan="2">Kuhagera kw'abanyamuryango ba Unity Club</td></tr>
<tr><td>14:00</td><td colspan="2">Kuhagera kw'Umusangwa Mukuru</td></tr>
<tr><td>14:05</td><td colspan="2">Ijambo ry'Ikaze / MC</td></tr>
<tr><td>14:10</td><td colspan="2">Imirimo y'Inteko Rusange / Chairperson HE Jeannette KAGAME<br>- Kwemeza raporo y'Ibikorwa 2021-2022 / Régine IYAMUREMYE<br>- Kwemeza AP 2022–2023 / Mary RWANGOMBWA<br>- Kumurika raporo ya Komite Ikemura Amakimbirane / Hon. Solina NYIRAHABIMANA</td></tr>
<tr><td>14:30</td><td colspan="2">Tea/coffee break</td></tr>
<tr><td>15:00</td><td colspan="2">Gutangiza Umwiherero w'Abanyamuryango bose / MC</td></tr>
<tr><td rowspan="4">15:05</td><td colspan="2">Ikiganiro nyungurana-bitekerezo (Panel discussion): "Ndi Umunyarwanda: Igitekerezo ngenga cy'ukubaho kwacu"</td></tr>
<tr><td>Ingingo z'ikiganiro</td><td>Abazabitanga</td></tr>
<tr><td>1. Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda mu muco no mu mateka yabo<br>2. Ubwuzuzanye bw'ishuri n'umuryango mu kwimakaza indangagaciro nyarwanda<br>3. Uburyo bwo kwimakaza umuco w'ibiganiro hagati y'abakuru n'urubyiruko</td><td>- Hon. Tito RUTAREMARA<br><br>-Prof. RUTEMBESA Eugène<br><br>-Hon. UWAMARIYA Valentine<br><br>-Josué NIWEMUTABAZI</td></tr>
<tr><td colspan="2">Moderator: Anita KAYIRANGWA</td></tr>
<tr><td>16:05</td><td colspan="2">Kungurana ibitekerezo</td></tr>
<tr><td>16:50</td><td colspan="2">Ijambo risoza</td></tr>
</table>

## GAHUNDA Y'IHURIRO RYA 15

### Umunsi wa 2: Igice cya mbere: Ihuriro ryaguye

**Venue:** *Ingoro y'Inteko Ishinga Amategeko*
**Date:** *12/11/2022*
**MCs:** *Monique MUKARURIZA & Maurice MUGABOWAGAHUNDE*

<table>
<tr><td>7:30</td><td colspan="2">Kuhagera kw'abatumirwa n'abanyamuryango ba Unity Club + tea/coffee</td></tr>
<tr><td>9:00</td><td colspan="2">Kuhagera kw'Umusangwa Mukuru</td></tr>
<tr><td>9:10</td><td colspan="2">Ijambo ritangiza Ihuriro / Chairperson wa Unity Club,<br>HE Jeannette KAGAME</td></tr>
<tr><td>9:25</td><td colspan="2">Ikiganiro mbwirwaruhame: Ishusho y'ubumwe n'ubudaheranwa /<br>Hon. Dr. Jean Damascène BIZIMANA</td></tr>
<tr><td>9:40</td><td colspan="2">Umuvugo: Dore igihango cy'ubunyarwanda – Samuel KWIZERA</td></tr>
<tr><td rowspan="4">9:45</td><td colspan="2">Ikiganiro nyungurana-bitekerezo (Panel discussion): "Ndi Umunyarwanda Igitekerezo ngenga cy'ukubaho kwacu: Imico n'imyifatire y'inzaduka bibangamiye indangagaciro nyarwanda"</td></tr>
<tr><td>Ingingo z'ikiganiro</td><td>Abazabitanga</td></tr>
<tr><td>1. Indangagaciro zikwiye kuranga umunyarwanda<br>2. Kurerera u Rwanda mu gihe turimo<br>3. Imyitwarire ikwiye kuranga umuyobozi yaba ari mu nshingano cyangwa atakizirimo (guhora atwaye urumuri<br>4. Uburyo imico y'inzaduka ibangamira umuco n'indangagaciro nyarwanda n'ingaruka bifite ku mutekano<br>5. Gusigasira ubudasa bw'u Rwanda</td><td>- Ladislas NGENDAHIMANA<br><br>- Nathalie MUNYAMPENDA<br><br>- Hon. Evode UWIZEYIMANA<br><br>- CP Jean Bosco KABERA</td></tr>
<tr><td colspan="2">Moderator: Sandrine ISHEJA</td></tr>
<tr><td>11:00</td><td colspan="2">Kungurana ibitekerezo</td></tr>
<tr><td>12:15</td><td colspan="2">Umuvugo: Isano dusangiye – Régine UMUHOZA<br>Indirimbo: Imbuto iranda – Israël NIYOMWUNGERI & Protogène MANIZABAYO</td></tr>
<tr><td>12:30</td><td colspan="2">Gufata ifoto y'abanyamuryango + Ifunguro</td></tr>
<tr><td>14:00</td><td colspan="2">Ibiganiro mu matsinda:<br>• Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda: kuzimenya, kuzimenyekanisha no kuzitoza Abanyarwanda<br>• Uruhare rw'uburere mu muryango no mu mashuri mu gukumira ingeso mbi n'imico y'inzaduka<br>• Indangagaciro zikwiye kuranga umuyobozi uri mu nshingano n'utakizirimo</td></tr>
<tr><td>16:00</td><td colspan="2">Kugaragaza ibyavuye mu matsinda</td></tr>
<tr><td>16:15</td><td colspan="2">Kugaragaza imirongo migari y'Ibyemezo-ngiro</td></tr>
<tr><td>16:20</td><td colspan="2">Ibigwi by'Abarinzi b'Igihango</td></tr>
<tr><td>16:30</td><td colspan="2">Gutanga Ishimwe ry'Ubumwe 2022 / Chairperson wa Unity Club, HE Jeannette KAGAME</td></tr>
<tr><td>16:45</td><td colspan="2">Ijambo ry'uhagarariye Abarinzi b'Igihango / Irené MIZERO</td></tr>
<tr><td>16:50</td><td colspan="2">Indirimbo "Umurage mwiza" ya Israel NIYOMWUNGERI</td></tr>
<tr><td>17:00</td><td colspan="2">Gusoza igice cya mbere</td></tr>
</table>

## GAHUNDA Y'IHURIRO RYA 15

### Umunsi wa 2: Igice cya kabiri: Umugoroba w'Igitaramo

**Venue:** ***KCC***
**Date:** ***12/11/2022***
**MC:** ***Hon. Patricie UWASE & Hon. Jean Chrisostome NGABITSINZE***

| | |
|---|---|
| 18:00 | Kuhagera kw'abatumirwa n'abanyamuryango ba Unity Club |
| 19:30 | **Kuhagera kw'Umushyitsi Mukuru** |
| 19:40 | Ijambo ry'ikaze, kumurika Ibyemezo-ngiro by'Ihuriro n'ibigwi by'Abarinzi b'Igihango / **MCs** |
| | Ifoto n'Abarinzi b'Igihango |
| **20:00** | **IJAMBO RY'UMUSHYITSI MUKURU** |
| | Ifunguro |
| | Gutarama: Itorero Unity Club Intwararumuri |
| | **Gusoza** |

## UMUGEREKA WA KABIRI:

# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME JEANNETTE KAGAME MU IHURIRO RYA 15 RYA UNITY CLUB-INTWARARUMURI

KIGALI, INTEKO ISHINGA AMATEGEKO

KU WA 12 UGUSHYINGO 2022

Bavandimwe, Ntwararumuri,

Bashyitsi bahire

Mwaramutseho?

Iyo umuntu yitegereje ukuntu duteraniye hano, akabona Ubumwe n’ubudaheranwa duhumeka mur'icyi cyumba, byubaka icyizere cy’uko u Rwanda rwacu rugana aheza.

Wumva wongeye kwishimira igihugu dufite, bigadutera ishema n’ishyaka ryo kucyubaka, no kugiteza imbere.

Nteruye mw'ijwi ry’indirimbo yubahiriza igihugu cyacu, ngira nti:

**Horana Imana murage mwiza**

**Ibyo tugukesha ntibishyikirwa**

**Umuco dusangiye uraturanga**

**Ururimi rwacu rukaduhuza**

**Ubwenge, umutima, amaboko yacu**

**Nibigukungahaze bikwiye**

**Nuko utere imbere ubutitsa**

Uyu mwanya rero, utuma dutekereza ku gihugu, umuco twarazwe, n’inshingano dufite yo kubihindura byiza kurushaho, natwe tukabiraga abana bacu.

**Bavandimwe turi kumwe**

**Rubyiruko Bana bacu,**

**Ikaze mu ihuriro rya 15 ry'Umuryango Unity Club – Intwararumuri**

Iri ni ihuriro ryacu rya mbere rikurikira kwizihiza yubile y'imyaka 25 y'umuryango Unity Club – Intwararumuri umaze ubayeho.

Kimwe mu byo umuryango wacu wa Unity Club wihariye,

Nuko uko tugenda twaguka, twakira abanyamuryango bakiri urubyiruko **bisanga mu rungano kuko imfura z'umuryango tumaze imyaka 26.**

Ubusanzwe, no mu mibereho yacu, umuntu ufite imyaka 25 aba yaranyuze mu nzira ndende, agihuzagurika. Ariko iyo ugejeje iyi myaka uba ufite icyerekezo gihamye kandi gisobanutse.

Unity Club Intwararumuri, twagize amahirwe yo kugira aho duhera. Kuko Guverinoma y'Ubumwe, yari imaze kunoza umurongo igihugu kigenderaho ndetse n'amahitamo yacu.

"Nyamara ubudasa bw'U Rwanda twahisemo burihariye:

Urugero: mu bihugu bimwe na bimwe abayobozi mu nzego za leta no mu nteko ishinga amatekego, bafata ibyemezo, baganisha iterambere aho bavuka cyangwa aho batorewe (constituency).

Iwacu siko bimeze! Kuko twahisemo kuba umwe, kubazwa no kuzuza inshingano, ndetse no kureba kure.

Niyo mpamvu Umuyobozi aba ahagarariye inyungu z'igihugu cyose icyarimwe, kirazira gukurura wishyira!

Dufite kandi nzego zitugenzura kugirango tudatana, nk'urwego rw'Umuvunyi, RGB, Auditor General,GMO.

Ingengo y'imari y'igihugu isaranganywa mu mucyo, ntihagire akarere gahezwa kandi ibibazo byihariye bikaganirwaho.

Muri ubwo budasa kandi, twiyemeje imiyoborere ishingira ku bwumvikane busesuye binyuze mu biganiro (Dialogue & Consensus), hagamijwe ineza, ubwumvikane no kwishakamo ibisubizo kuko guhangana twasanze ntaho byatugeza, uretse kudusubiza inyuma.

Amahitamo yacu niyo yatumye mu myaka 28 dushobora kongera gusana umuryango nyarwanda, no guteza imbere igihugu cyacu, tutirengagije ko inzira ikiri ndende.

Aya mahitamo yacu, yaryoheje politiki, abantu bari bamaze kwanduza no gutakariza icyizere.

Byaratworoheye rero nka Unity Club-Intwararumuri, gutanga umusanzu wacu, kandi turakomeje!

Unity Club-Intwararumuri yabaye, kandi izakomeza kuba umufatanyabikorwa w'imena mu kubaka u Rwanda.

N'ubwo ndi umwe muri bo, mumfashe dushimire Intwararumuri za Unity Club, bemeye uyu muhamagaro wo kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda.

By'umwihariko, dushima umusanzu w'Abanyamuryango mu bukangurambaga no kuyobora ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda, gukemura bimwe mu bibazo byugarije abaturage, cyane abafite intege nke: nk'Ababyeyi b'Intwaza!

Ntawakwirengagiza ubwitange mu kwiyubaka no kubaka umuryango wa Unity Club. Ubu umaze kuba nka "**Think Tank"** ifite intego yo gukura, kwaguka no gukomeza kuba intwararumuri!

Twiyemeje gutoza indangagaciro zo gukunda igihugu, ubumwe n'ubudaheranwa abato bacu kuko aribo tuzahereza agakoni.

**Bavandimwe**

**Rubyiruko Bana bacu,**

Twizihiza isabukuru y'imyaka 25 tumaze, twibukiranyije ukuntu Abanyamuryango ba Unity Club, tuticaye ngo turebere uko abo twashakanye bagiye kuyobora uru Rwanda. Twagombaga kuzuzanya nk'abarera umwana ukeneye imbaraga, za buri wese. Twavuga ko yatangijwe mu "urugo mbonezamikurire", akomereza mu mashuri abanza n'ayisumbuye none ubu araminuje! Ng'urwo u Rwanda tubona uyu munsi!

Twari kubuzwa n'iki kugira umusanzu mu guharanira iyi ntego? N'ubu rero ntidushobora gusobanya, ahubwo ubu nibwo dufite imbaraga!

**Bavandimwe**

**Rubyiruko Bana bacu,**

Abanyamuryango b'urubyiruko buzuzanya n'abamaze igihe mu muryango, bityo kuzuzanya kwacu kukaduha imbaraga n'ubumenyi bushya bwubaka u Rwanda.

Ibi kandi ntibiba muri Unity Club gusa, imiyoborere y'igihugu cyacu niko iteye. N'ubwo turi ***generations*** zitandukanye, ariko turuzuzanya! Aha naho hakabamo ubundi budasa bw'u Rwanda: Aho kugira ngo urubyiruko rwicare, rutegereze ko dusaza, tubahereza agakoni, tugendera hamwe twese, tukuzuzanya mu kubaka u Rwanda!

Umuntu yanavuga ko ntawasaza, ngo ananirwe no gutanga ibitekerezo byuzuzanya n'ababyiruka kugira ngo dukomeze ubudasa bwacu.

Urubyiruko mufite kandi n'amahirwe adasanzwe, yo gukurira no kurererwa mu gihugu gifite umurongo usobanutse w'indangamatwara (ideology) mu ihuriro ry'imitwe ya politike!

Dufite icyizere rero ko inshingano twihaye tutazigera tunanirwa kuzuzuza no mu myaka 100 iri imbere.

**Bavandimwe, ntwararumuri**

Iri huriro ryacu, rifite insanganyamatsiko igira iti '**Ndi Umunyarwanda, igitekerezo – ngenga cy' Ukubaho kwacu**'. Itwibutsa ko dufite inshingano yo gukomeza kubaka ubunyarwanda nk'indangamuntu, atari ubwenegihugu gusa.

Muri ibi bihe tugeze mo, isi igenda irushaho kuba imwe, ubudasa n'umwihariko wa buri gihugu, uba ukeneye ko banyirawo bawurinda kugira ngo udatakara. Ni byiza kugira ibyo twigira ku bandi, n'umuco wacu ugakura, ariko ukaguma kuba indangamuntu yacu.

Aha ni ho '**Ndi Umunyarwanda'** ikwiye kuduha umwihariko, ikadufasha kudatandukana n'indangagaciro ukubaho kwacu gushingiyeho.

Ikwiye kudufasha kubaka umuntu w'imbere: ufite imico n' imikorere bimugaragaza nk'Umunyarwanda, nk'uko umuco dusangiye uturanga.

Niyo mpamvu rero, twifuje kuganira ku mico n'imigenzereze y'inzaduka ishobora kubangamira igitekerezo-ngenga twahisemo. Tuze kungurana ibitekerezo rero, ku cyakorwa ngo twubake muntu w'imbere, wubaka Ubunyarwanda.

**Bavandimwe, Ntwararumuri**

Sinasoza ntashimiye Abarinzi b'Igihango twizihiza muri iri huriro, abariho n'abatakiriho. **Mumfashe tubashimire! (Pause)**

Umutima, urukundo n'ibikorwa byanyu ntibyibagirana! Tuzakomeza kubyubakiraho, kugira ngo tugire benshi babyiruka biyemeza kurinda ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

Mu gutangiza iri huriro ryacu rya 15, nagira ngo mbwire buri wese nti:

***"Twahisemo kuba umwe***

*Kuko turi bene Kanyarwanda*
*Isango yacu ni "Gira amahoro"*
*Intero yacu ni "Baho nanjye mbeho"*
*Duhane ibiganza tuganze ibyatuganza!*

*Tubane neza uko twabyirutse*
*Tubyirure abeza bubaka u Rwanda*
*Ingoma ibihumbi tuzire gutana*

*Iri tabaza dutwaje abadatana*
*Rihore ryaka ntirikazime*
*Abato bacu ntitukabazimize*
*Imvugo yacu ijye iba ingiro*
*Maze umurage wacu uzarambe*

*Ndi Umunyarwanda iganze imitaga*
*Iduhe kuramba no kwaguka*
*Ibe igitekerezo-ngenga cy'Ukubaho kwacu!*

Umunsi mwiza!

# UMUGEREKA WA GATATU:

**Ikiganiro: "Ishusho y'ubumwe n'ubudaheranwa by'abanyarwanda mu gihe turimo n'icyerecyezo cy'ejo hazaza"**

**12 UGUSHYINGO 2022**

**Dr. BIZIMANA Jean Damascène**
**MINISITIRI W'UBUMWE BW'ABANYARWANDA N'INSHINGANO MBONERAGIHUGU (MINUBUMWE)**

***Nyakubahwa Muyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri;***
***Banyakubahwa Bayobozi mu Nzego nkuru z'Igihugu cyacu;***
***Banyakubahwa banyamuryango ba Unity Club Intwararumuri;***
***Banyakubahwa batumirwa mu nzego zinyuranye;***
***Rubyiruko bana bacu;***

Ndatangira nshimira Umuyobozi mukuru wa Unity Club Intwarumuri, Mme Jeannette Kagame, abanyamuryango ba Unity Club, abafatanyabikorwa n'Abanyarwanda muri rusange, kubera ubufatanye bumaze kuba ubukombe muri Unity Club Intwararumuri n'uruhare rwanyu ntagereranywa mu rugendo rwo kubaka ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

## 1. Ishusho y'aho twavuye

Ubumwe n'Ubudaheranwa by'Abanyarwanda, muri iyi myaka 28 ishize Jenoside yakorewe Abatutsi ihagaritswe, bwateye intambwe dukwiye kwishimira nubwo tutaragera ku gipimo cy'u Rwanda Twifuza cyo Kuba Umwe ku buryo bwuzuye.

Mu mwaka wa 2007, ubu hashize imyaka 15, Abanyarwanda bagishijwe inama hategurwa **Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge**. Bimwe mu bitekerezo byatanzwe harimo icyo gushyiraho igihe cyihariye cyo kuzirikana **ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.** Igitekerezo cyarakiriwe, gishyirwa mu ngamba zo guteza imbere ubumwe bw'Abanyarwanda, maze guhera mu mwaka ukurikiyeho wa **2008** kuva tariki **1 kugeza 31 Ukwakira** hatangizwa ukwezi ngarukamwaka kwahariwe kuzirikana **''Ubumwe n'ubwiyunge''** mu Banyarwanda; Gutangiza iyi gahunda y'ukwezi kw'ubumwe n'ubwiyunge mu mwaka wa 2008 byari bikenewe kuko u Rwanda rwari mu bihe bitoroshye byo gukemura mu rwego rw'ubutabera ingaruka z'ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi, binyuze mu Nkiko Gacaca, ndetse no ku rwego mpuzamahanga, imanza za bamwe muri ba ruharwa bateguye Jenoside yakorewe Abatutsi zari zirimbanyije. Abanzi b'amahoro bo ntibishimiraga iyo ntambwe, bakoze ibikorwa byinshi bibi byabangamiraga inzira zo kwubaka ubumwe bw'Abanyarwanda.
Reka mbibutse cyangwa se nereke abatabizi imwe mu mibare igaragaza ububi bw'ibihe twarimo muri 2007-2008 hatangizwa ukwezi kw'ubumwe n'ubwiyunge.

Ndifashisha imibare yatanzwe muri raporo z'umwaka z'Ubushinjacyaha Bukuru. Iyo umuntu ayisesenguye, icya mbere ahita abona ku buryo butavunanye ni uburemere ikibazo cy'ubumwe cyari gifite; icya kabiri iyi mibare idufasha kubona no kwishimira ni ubwiza bw'urugendo twakoze kuva icyo gihe n'umusaruro w'intera ishimishije tumaze kugeraho mu kubaka ubumwe, tubikomora ku budaheranwa bwaranze Abanyarwanda mu bihe bigoye bagiye banyuramo.

**Reka turebe iyo mibare uko yari yifashe hagati y'umwaka wa 2000 na 2006:**

Ubugome bwabaye bubi cyane muri iyo myaka 5. Hishwe abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi 162 harimo n'abemeraga gutanga ubuhamya mu nkiko Gacaca, mu nkiko zisanzwe no mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda rwakoreraga Arusha. Bwari uburyo bwo gukomeza umugambi wa Jenoside hagamijwe kuburizamo ubutabera;

- Abakomerekejwe bavanamo ubumuga bukomeye buhoraho = 121 ;
- Abakubiswe ku buryo butandukanye = 282
- Aboherereje inyandiko zitera ubwoba zitariho uwazanditse (Tracts) = 580
- Abangirijwe imyaka = 468
- Abangirijwe amatungo =210
- Abasenyewe amazu = 252
- Inzu zateweho amabuye ninjoro = 630.

**Mu mwaka umwe gusa wa 2008,** ibyaha by'ubwicanyi bushingiye ku ngengabitekerezo ya Jenoside byariyongereye ku buryo buremereye. Muri uwo mwaka wonyine, hishwe abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi **124** n'abatangabuhamya mu nkiko Gacaca **36**.

Murumva ko ukwezi k'Ubumwe n'Ubwiyunge kwatanyijwe mu bihe bitoroshye, ariko bikanagaragaza ko cyari igikorwa gikenewe mukurikije iyi mibare.

## 2. Ishusho y'aho tugeze : Ubu ngubu ubumwe n'ubudaheranwa bwifashe bite?

Ibipimo by'ubushakashatsi ku Ubumwe n'Ubwiyunge mu Banyarwanda bukorwa buri myaka 5 bwerekana ko butera intambwe ishimishije. Muri 2010, twari tugeze kuri 82% ; muri 2015 igipimo cyarazamutse kigera kuri 92.7% bigaragaza ko bwiyongereyeho 10% mu myaka itanu ikaba ari intambwe nini cyane. Ubushakashatsi buheruka muri 2021 bwagaragaje ko igipimo kigeze kuri 94.7%.

Iki gipimo kiratwereka ko ishusho y'ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda muri iki gihe yifashe neza cyane, bikaba bitanga icyizere ko muri 2025 mu gihe ubundi bushakashatsi buzatangazwa, kuko tubukora buri myaka itanu, tuzaba turi hafi 100% cyangwa se twararigezeho.

Uko biri kose muri iri Huriro rya 2022 twihe intego ko nk'abayobozi bareberera abaturage, tugomba gukora ibishoboka ku buryo ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda bizaba byageze ku 100% mu gihe tuzaba tubamurikira igipimo cy'ubundi bushakashatsi tuzatangiza muri 2025, ariko bivuze ko buzaba bwakozwe mbere y'umwaka buzatangarizwamo.

**Nyakubahwa Muyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri;**
**Banyakubahwa batumirwa;**

Iri Huriro rya Unity Club Intwararumuri ribaye tumaze gusoza mu kwezi gushize, ibikorwa Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu yahariye kuzirikana **Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda;**

Ni ukwezi kumaze kumenyerwa, ariko uyu mwaka twakoresheje inyito **Ubudaheranwa** kurusha **Ubwiyunge** kuko Ubudaheranwa ari imwe mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda ziza ku isonga mu kudufasha kugera ku mpinduka Abanyarwanda twifuza nkuko bikubiye muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi igomba kuba yagezweho muri 2024, cyane cyane mu nkingi y'imibereho myiza, aho intego ya Guverinoma ari ukugira Umunyarwanda ushoboye, ufite ubumenyi, ubuzima bwiza kandi ubayeho neza mu muryango utekanye.

Kwibanda ku ndangagaciro y'**Ubudaheranwa** bw'Abanyarwanda twasanze byanafasha

mu gushyira mu bikorwa bimwe mu byo Guverinoma yiyemeje kugeraho mu nkingi y'Imiyoborere, aho Guverinoma yiyemeje kwigisha indangagaciro z'umuco nyarwanda kugira ngo zikomeze kuba umusingi w'amahoro n'ubumwe bw'abanyarwanda, gufasha abanyarwanda gukomeza kuba mu gihugu cyuje amahoro, duharanira Kwigira kandi tukabigeraho.

Iyi nzira izashoboka igihe buri Munyarwanda azaba atagiheranywe n'ibikomere bikomoka ku mateka mabi igihugu cyacu cyanyuzemo yakigejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, ikaba yarazahaje Umuryango nyarwanda.

Ubudaheranwa ni ubushobozi buhoraho bwo gukemura cyangwa kwikura mu bibazo by'ayo mateka kandi izi mbaraga tuzisanga mu murage w'abakurambere bacu kuko iteka bagaragazaga ubushobozi bwo kwirinda, gukumira, guhangana no gukemura ibibazo byabaga byugarije umuntu, umuryango cyangwa Igihugu ndetse bakabikuramo amasomo bubakiraho mu kwiyubaka, gutera imbere ubwabo no kubaka Igihugu.

Twanavuguruye amabwiriza ashingirwaho mu guhitamo no kwemeza Abarinzi b'Igihango, kugira ngo n'abakoze ibikorwa by'indashyikirwa mbere ya 1994, barengera abatotezwaga mu bihe bibi by'amateka u Rwanda rwanyuzemo, barwanya politiki ya Leta yariho kuri Repuburika ya 1 n'iya 2 yaranzwe n'ivangura, urwango n'amacakubiri, bagakora ibikorwa bya gitwari byarengeye Abatutsi bari baribasiwe n'ubwo butegetsi, bakabuzwa uburenganzira ku buzima no ku gihugu cyabo, nabo bahabwe icyubahiro bakwiye. Kugaragaza no gushima ibikorwa by'indashyikirwa by'aba bantu ni igikorwa cy'inyongera mu biranga ubudaheranwa bw'abanyarwanda, kimwe n'ibyakozwe n'abarinzi b'igihango muri 1994 na nyuma y'ihagarikwa rya Jenoside.

Muri aba bantu b'intagereranywa banze gutatira igihango mu myaka ya kera, dusangamo Abanyarwanda n'abanyamahanga, abasivile n'abihaye Imana, baranzwe n'indangagaciro zo kubaha no kurengera abatotezwaga. Harimo ababubakiye amazu bamaze gusenyerwa, kumeneshwa no kwicirwa abo bashakanye, bababafasha kubaho no kurera impfubyi ; harimo abamaganye ubwicanyi ku mugaragaro, cyane cyane ubwafashe intera iremereye muri 1963 mu Bugesera, Gikongoro, Cyangugu, n'ahandi, babwita inyito ikwiye ya Jenoside, babikora mu nyandiko no mu mbwirwaruhame ; harimo abanze kubahiriza politiki y'itoteza n'ivanguramoko n'isumbanyaTurere hagati ya 1973 na 1994 mu mashuri no mu nzego z'imirimo bayoboraga, bamwe bibaviramo ko Leta ibirukana mu gihugu. Ni ngombwa kuzirikana ibikorwa byabo kuko indangagaciro zabaranze zigize igice cy'amateka kidakunze kuvugwa, nyamara aricyo gikwiye gushingirwaho mu kudufasha gukomeza kubaka u Rwanda rwa Twese.

### 3) Reka nkomereze ku Icyerecyezo cy'Ejo Hazaza ari naho nsoreza.

Icyerecyezo 2050 u Rwanda rwahisemo cyo kubaka igihugu twifuza, kigaragaza ko kugira ngo intego ziteganyijwe zigerweho, hari amahame atatu agomba gushingirwaho: **Kuba umwe, gukora neza inshingano no kureba kure.**

Iyi nyabutatu ni fondasiyo y'ibyo dukora byose ; niwo mutamenwa dukwiye gushingiraho kuko udahari, ibyo twakubaka byose byahirima ntaho biragera.

**Gukomeza kuba umwe,** ni inkingi ya ngombwa ibanziriza ibindi mu rwego rwo kubaka igihugu ntawe uhejwe kandi Abanyarwanda batishishanya;
**Kubasha gukora neza inshingano twahawe** nabyo ni indangagaciro y'ingenzi idufasha kumva ko ari twe dushinzwe kwigenera uko tugomba kubaho.

Naho **Kureba kure no gukora cyane by'Abanyarwanda** ni ingenzi mu kubaka igihugu twifuza.

Mu busesenguzi bwacu, dusanga indangagaciro y'**Ubudaheranwa** ariyo aya mahame atatu : **Kuba umwe, gukora neza inshingano no kureba kure** yubakiyeho. Bityo guhora dushyize imbere **ubudaheranwa** nibyo bitugeza ku miyoborere igamije guteza imbere ubukungu n'imibereho myiza.

Niyo mpamvu twifuza ko Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda bugira umwanya udasanzwe mu bukangurambaga buhabwa inzego zose z'igihugu, tukaba twifuza ko Unity Club Intwararumuri iha umwihariko indangagaciro y'ubudaheranwa, igasobanurirwa abato n'ababyiruka, kugira ngo bakuremo ibibafasha kuba Indahangarwa zibereye u Rwanda rwa none n'urw'ejo hazaza.

Iki cyerecyezo gifite ishingiro rikomeye kuko ubushakashatsi bugaragaza ko **70%** by'Abanyarwanda ari urubyiruko rutarengeje imyaka 30, bityo bikaba bitwereka ko hafi ya bose bavutse nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi. Ibi bivuze ko ntawe bakoreye icyaha cyangwa ngo tube tubasaba kugira uwo biyunga nawe, ahubwo tukaba dukwiye gukomeza kubafasha kwiga no gusobanukirwa amateka yaranze igihugu cyacu, kubafasha gukira ibikomere batewe n'amateka mabi batagizemo uruhare no kubaganisha mu rugendo rw'iterambere rirambye.

Iyi gahunda ni ngombwa kuyishyira mu bikorwa byihutirwa kubera ko hari abantu bakuru bagiheranywe n'amateka mabi bagizemo uruhare, cyangwa se ayo bigishijwe, bakaba badashaka kwitandukanya nayo, bagakomeza gukwiza ingengabitekerezo ya Jenoside mu rubyiruko, bigafata intera yanduza abato kubera ko aribo bakoresha cyane imbuga nkoranyambaga.

Ibi bikomeza gutera urubyiruko ibikomere nkuko twabibonye umwaka ushize mu bushakashatsi bwa Unity Club Intwararumuri rwo muri 2021 aho byagaragaye ko ibikomere mu rubyiruko bikiri ku gipimo cyo hejuru ku buryo bukurikira :

- 99% mu rubyiruko rutazi inkomoko kubera kwicirwa ababyeyi bakiri impinja bagatoragurwa n'Inkotanyi mu mirambo uko zahagarikaga Jenoside ;
- 87% mu rubyiruko rwarokotse Jenoside ;
- 69% mu rubyiruko rwavutse ku mubyeyi wasambanyijwe ku gahato muri Jenoside;
- 43% mu rubyiruko rwavutse ku babyeyi badahuje icyitwaga ubwoko ;
- 35% mu rubyiruko rukomoka ku babyeyi bakoze Jenoside cyangwa bafite abo mu miryango yabo bayikoze ;
- 14% mu rubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside.

Iyi mibare iragaragaza ko hakwiye gukomeza guha umwanya n'ishingiro indangagaciro y'ubudaheranwa mu buzima bwacu bwa buri munsi, mu rwego rwo gufasha urubyiruko gukomeza gukira ibikomere bishingiye ku mateka.

Niyo mpamvu mu kwezi kw'**Ubumwe n'Ubudaheranwa** dushoje twakozemo ibikorwa binyuranye biri muri icyo cyerecyezo, harimo:

- Gutanga ibiganiro byimakaza ubumwe n'ubudaheranwa mu itangazamakuru;
- Ibiganiro mu bigo bya Leta n'inzego z'abikorera, amashuri makuru na Kaminuza, mu magereza no mu kigo cya Mutobo cyakira abanyarwanda batahuka bavuye mu mitwe yitwaje intwaro iri muri Kongo;
- Twatanze ibiganiro bigenewe abanyarwanda baba mu mahanga hifashishijwe imbuga nkoranyambaga;
- Ibiganiro byimakaza **NDI Umunyarwanda** byahawe Abaturage ku rwego rw'umudugudu mu Gihugu hose;
- Gutoranya Abarinzi b'Igihango hashingiwe ku bikorwa by'indashyikirwa byaranze bamwe mu Banyarwanda n'abanyamahanga hashingiwe no ku bikorwa byo mu mateka ya kera nkuko nabisobanuye mu mwanya;
- Hakozwe ibikorwa by'isanamitima, kunga imiryango ifitanye amakimbirane no

gufasha imiryango itishoboye;
- Twatangije umukino w'Ikinamico wateguwe na MINUBUMWE witwa **INTARA ZA NYIRABANGANA** wigisha indangagaciro z'ubumwe, ubudaheranwa na kirazira z'umuco Nyarwanda. Twawutangirije mu Mujyi wa Kigali ku wa 28 Ukwakira 2022, ariko tuzanawujyana mu zindi Ntara.

Mu kwezi kw'Ubumwe n'Ubudaheranwa kandi turangije, urubyiruko rwagize uruhare rukomeye aho rwifashishije imbuga nkoranyambaga rutambutsa ubutumwa bukangurira bagenzi babo kugira uruhare mu bikorwa byubaka ubumwe n'ubudaheranwa by'Abanyarwanda. Urubyiruko rwagize uruhare mu gutanga ibitekerezo ku ruhare rw'urubyiruko mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside aho bagaragaje ibyo bakwiye kwitondera ndetse batanga inama ku babyeyi n'urubyiruko bagenzi babo.

Turishimira umusaruro wagaragaye muri uku kwezi dushoje ari nayo mpamvu nifuje gushima ubufatanye bwagaragaye mu buryo butandukanye.

Byumwihariko, ndagira ngo mbashimire **Nyakubahwa Umuyobozi Mukuru wa UNITY CLUB Intwararumuri,** (Nyakubahwa First Lady, Madame Jeannette KAGAME) n'abanyamuryango ba UNITY CLUB kubwo kutuba hafi no kwifatanya natwe mu bikorwa bitandukanye twakoze n'uruhare Umuryango Unity Club Intwararumuri ugira mu rugendo rwo kwimakaza Ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda;

Turashima kandi inzego za Leta, imiryango itari iya Leta, Imiryango ishingiye ku myemerere n'Abanyarwanda muri rusange ku muhate wabo mu gushimangira amahitamo y'Igihugu cyacu yo gukomeza **KUBA UMWE no KUDAHERANWA.**

Ukwezi kwahariwe kuzirikana Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda kugomba gukomeza kutubera umwanya mwiza wo kuzirikana ko Ubumwe bw'Abanyarwanda bumaze gushinga imizi kubera imiyoborere myiza ishyize imbere umuturage dukesha **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame**, wagaruye Ubumwe bw'Abanyarwanda.

Dukurikije ibitekerezo binyuranye byavuye mu biganiro byo muri uku kwezi dusoje, umuryango Nyarwanda n'urubyiruko by'umwihariko urakangurirwa guha agaciro Ubunyarwanda yo sano isumba ayandi Abanyarwanda dusangiye;

Dufatanyije, turasabwa kwiyakira no kwakirana, tukareka gukomeza gutsikamirwa n'amateka mabi Igihugu cyacu cyanyuzemo, ahubwo tugakomeza icyerecyezo kimwe, twemye kandi tubohotse. Ibyo ni byo bizadufasha kwiyubaka no kubaka igihugu, tugana ku iterambere rirambye.

Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyaryarwanda n'Inshingano Mboneragihugu nkuko bisanzwe ifatanyije na Unity Club Intwararumuri n'izindi nzego, izakomeza kwimakaza ibikorwa bishimangira ubumwe n'imibanire myiza y'Abanyarwanda, uburere mboneragihugu no gushyiraho ingamba zituma ubumwe bw'Abanyarwanda bukomeza gushinga imizi. Zimwe murizo ni izi zikurikira :

- Gukora ubushakashatsi ku mateka yaranze u Rwanda, kuyasigasira, gukomeza kuyigisha ababyiruka no gukangurira ababyeyi kwigisha abana amateka n'indangagaciro zikwiye umunyarwanda ubereye u Rwanda ;
- Gutoza Abanyarwanda, abakuru n'abato, mu nzego zose z'ubuzima no mu mibereho ya buri munsi indangagaciro na kirazira by'umuco Nyarwanda binyuze mu Itorero ryo ku Mudugudu, mu nzego za Leta, Abikorera no mu bigo by'amashuli;
- Kubakira ku bikorwa byiza byagezweho n'uruhare rw'abarinzi b'Igihango mu gusigasira Ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda;
- Kubaka urubuga rw'ibiganiro bya "Ndi Umunyarwanda", bihuza urubyiruko n'abakuru no kongera ubumenyi mu kuyobora ibiganiro bya "Ndi Umunyarwanda mu Banyarwanda bari mu Gihugu no mu mahanga;

- Kwegereza Abanyarwanda serivisi z'isanamitima no kongera ubumenyi n'ubushobozi mu isanamitima hagamijwe komorana ibikomere;
- Kugaragaza ukuri kuri Jenoside yakorewe Abatutsi no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside mu Rwanda no mu mahanga;
- Kwimakaza ibikorwa by'iterambere rirambye;
- Gutoza urubyiruko umuco w'ubukorerabushake, gukunda Igihugu no kugiteza imbere binyuze mu URUGERERO no mu zindi gahunda zitandukanye;
- Gukangurira urubyiruko kuzirikana agaciro ko kugira Igihugu, guharanira kucyubaka no kukirinda binyuze mu nyigisho z'uburere mboneragihugu;
- Gukomeza kwita ku barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi batishoboye muri gahunda zitandukanye, no guha umwihariko abageze mu zabukuru batujwe mu Impinganzima;

Urugendo rwo kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda no gusubiza agaciro ubunyarwanda rudusaba guhozaho. Umusanzu wa Unity Club uzakomeza gukenerwa mu guhangana n'ibibazo bigenda bivuka no gusigasira ibyagezweho.

Dufatanyije, dukomeze kuzirikana Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda mu njyana ya Ndi Umunyarwanda, igitekerezo ngenga cy'ukubaho kw'Abanyarwanda, nkuko abakurambere babiduhayemo urugero mu ndangagaciro baturaze harimo iziri mu migani itatu ngiye gusorezaho, aho bagize bati:

- Aho ujishe igisabo ntuhatera ibuye. Bivuze ko u Rwanda ari igisabo cyacu tudakwiye kwemerera uwo ariwe wese urushakira inabi;
- Ababiri bajya inama baruta umunani urasana. Bivuze ko nta kiruta gushyira hamwe, niyo mahitamo rero dukwiye gukomeza gushimangira.
- Abajya inama Imana irabasanga. Bivuze ko gushyira hamwe aribyo bizatuma tugera ku iterambere no gushobora kubaka u Rwanda twifuza.

***Nshoje mbifuriza amahoro no kugira Ihuriro ryiza!***
***Murakoze.***

## UMUGEREKA WA KANE:

## GAHUNDA Y'ISHYIRWAMUBIKORWA RY'IBYEMEZO-NGIRO BY'IHURIRO RYA 15 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

| S/N | IMYANZURO | IGIKORWA | INZEGO BIREBA | ABAFATANYABIKORWA | IGIHE |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Gushyiraho uburyo buhoraho bwo gusangiza ubunararibonye abakiri bato hagamijwe kubategura kuba abayobozi beza (Mentoring and coaching) kandi bigakorwa mu nzego zose z'imirimo | Gushyiraho imbuga z'ibiganiro zo gusangira ubunararibonye hagati y'abakuru n'abato mu nzego zose z'imirimo. | MIFOTRA | MINUBUMWE<br>MINAFFET<br>MIFOTRA<br>PSF<br>REAF | Buri gihembwe |
| | | Gutegura ibiganiro mu mashuri makuru na kaminuza aho abafite ubumenyi bwihariye n'inararibonye bakundisha urubyiruko umurimo unoze. | HEC | MINEDUC<br>MIFOTRA<br>MYCULTURE | Buri gihembwe |
| | | Gushyiraho gahunda mu nzego zose z'imirimo yo kumenyereza no guherekeza (Mentoring and coaching) abakozi bashya mu nshingano. | MIFOTRA | PRIMATURE | Guhera Nyakanga 2023 |
| 2 | Kwinjiza indangagaciro z'Ubunyarwanda n'Ubudaheranwa mu mfashanyigisho zigenewe umuryango n'amashuri. | Kumenyekanisha imfashanyigisho zihari no gutegura inshya zifashishwa mu mashuri mu kwigisha abana n'urubyiruko indangagaciro z'Ubunyarwanda n'Ubudaheranwa. | REB<br>RTB | MINUBUMWE<br>MIGEPROF<br>MYCULTURE MINEDUC<br>NCDA<br>RCHA | Nyakanga - Ukuboza 2023 |
| | | Gutegura imfashanyigisho zigenewe ababyeyi zifashishwa mu kwigisha abana n'urubyiruko indangagaciro z'Ubunyarwanda n'Ubudaheranwa (mu muryango). | MIGEPROF | MINUBUMWE<br>MYCULTURE<br>FBOs | Nyakanga - Ukuboza 2023 |
| | | Gushishikariza ababyeyi gutoza abana indangagaciro z'ibanze bihereye mu muryango kandi bikajyana n'icyiciro cy'imikurire y'umwana (Mu Rwanda no muri Diaspora). | MIGEPROF | MINALOC, MINAFFET,<br>MYCULTURE<br>CNF,<br>NCDA | Guhera Nyakanga 2023 |
| | | Gutoza indangagaciro z'Ubunyarwanda n'Ubudaheranwa binyujijwe mu Itorero mu mashuri no mu Itorero mu mudugudu. | MINEDUC | MINUBUMWE<br>MYCULTURE<br>MINALOC<br>REB<br>HEC | Nyakanga 2023 gukomeza |
| | | Gushishikariza amatorero n'imiryango ishingiye ku myemerere gushyiraho inyigisho na gahunda zihariye zigamije gufasha abana n'imiryango mu kwimakaza indangagaciro z'Ubunyarwanda n'Ubudaheranwa. | MINUBUMWE | RGB<br>RIC/(FBOs)<br>MINALOC | Guhera Nyakanga 2023 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| **3** | Gutegura inyigisho zitoza ababyiruka indangagaciro z'umuco na kirazira zikamenyekanishwa hifashishijwe ikoranabuhanga n'ibindi | Gutegura inyigisho ku ndangagaciro na kirazira mu buryo bubereye urubyiruko (Youth friendly content) ruba mu Rwanda no mu Mahanga. | MINUBUMWE | MYCULTURE<br>MINICT<br>MINEDUC | Nyakanga - Ukuboza 2023 |
| | | Gushyiraho imbuga z'ikoranabuhanga zitambutsa inyigisho ku ndangagaciro na kirazira z'Ubunyarwanda zigenewe abana n'urubyiruko. | MINICT | MINUBUMWE<br>MYCULTURE<br>MINAFFET<br>RISA | Mutarama- Nyakanga 2024 |
| | | Gukangurira urubyiruko gukoresha imbuga z'ikoranabuhanga zitambutsa ubutumwa bwihariye ku ndangagaciro na kirazira z'Ubunyarwanda (Mu Rwanda no mu mahanga) no kwirinda imbuga zikwirakwiza imico y'inzaduka. | MINICT | MINUBUMWE<br>MYCULTURE<br>MINEDUC<br>MINALOC<br>MIGEPROF<br>CSOs, FBOs | Guhera Mutarama 2024 |
| | | Gukumira imbuga z'ikoranabuhanga zikwirakwiza imico mibi mu bana no mu rubyiruko. | MINICT | MIGEPROF<br>MINIJUST | Guhera Nyakanga 2023 |
| **4** | Kugira uruhare mu kwihutisha gahunda zo gushyiraho amarerero yo kwita ku bana bato mu gihe ababyeyi babo bari mu kazi mu nzego zose | Guteganya ingengo y'imari yo gushyiraho amarerero mu nzego za Leta no mu bikorera. | MINECOFIN<br>PSF | UNITY CLUB<br>CSOs | Nyakanga 2023 – Kamena 2024 |
| | | Gushyiraho no gushakira abakozi n'ibikoresho amarerero mu nzego za Leta no mu bikorera. | MIGEPROF | MINISANTE<br>NCDA<br>CNF, PSF, CSOs | Nyakanga 2023 – Kamena 2024 |
| **5** | Kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba z'isanamitima no kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe ku bagize umuryango bose | Gukora ubukangurambaga bugamije gusobanura no gutinyura abagize umuryango kwitabira gahunda z'isanamitima no kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe. | MINISANTE | MINALOC<br>MIGEPROF<br>MINUBUMWE<br>RBC, CSOs, FBOs | Guhera Nyakanga 2023 |
| | | Kurushaho kunoza serivisi zitangwa muri gahunda y'isanamitima no kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe. | MINISANTE | RBC<br>CSOs<br>FBOs | Guhera Nyakanga 2023 |
| | | Guhuza imbaraga n'ibikorwa hagati y'abafite uruhare mu bikorwa by'isanamitima no kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe. | MINUBUMWE | MINALOC<br>MIGEPROF<br>RBC, CSOs, FBOs, PSF | Guhera Nyakanga 2023 |
| | | Gushyiraho uburyo bwo kwita ku buzima bwo mu mutwe mu nzego z'imirimo no mu mashuri. | MINISANTE | MIFOTRA<br>MINEDUC<br>CSOs, FBOs, PSF | Guhera Nyakanga 2023 |
| | | Kongera ibikorwa by'imyidagaduro no guhuza abantu mu nzego zose. | MINISPORT | MINALOC<br>MYCULTURE<br>MINUBUMWE<br>UNITY CLUB<br>CSOs, FBOs, PSF | Guhera Nyakanga 2023 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| **6** | Gukomeza urugamba rwo guhangana n'abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi, baba abari mu Rwanda cyangwa mu mahanga, kandi bikaba inshingano ya buri wese | Gukomeza ubukangurambaga bugamije gusakaza amateka nyakuri y'Igihugu cyacu (mu Rwanda no mu Mahanga) hifashishijwe uburyo bwose: Ibiganiro, ubushakashatsi, inama (national & international), imbuga nkoranyambaga..... | MINUBUMWE | MINAFFET<br>MINICT<br>MYCULTURE<br>MINEDUC<br>MINALOC, NYC<br>RISA, CSOs<br>UNITY CLUB | Guhera Nyakanga 2023 |
| | | Ubukangurambaga bugamije kurwanya abagoreka amateka n'abakwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside hifashishijwe ibiganiro, ubushakashatsi, inama (national & international), imbuga nkoranyambaga, ubuhanzi, ..... | MINUBUMWE | MINAFFET<br>MINICT<br>MYCULTURE,<br>MINEDUC<br>NYC, UNITY CLUB<br>0GS, IF | Guhera Nyakanga 2023 |
| | | Gutegura ibiganiro byihariye bigenewe Abanyarwanda baba mu Mahanga by'umwihariko urubyiruko. | MINAFFET | MINUBUMWE<br>MYCULTURE<br>RCA | Guhera Nyakanga 2023 |
| **7** | Gukomeza ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda mu nzego zose | Gukomeza umuco w'ibiganiro bihoraho bya Ndi Umunyarwanda mu nzego z'imirimo, mu nzego z'imiyoborere zegereye abaturage, mu mashuri no mu Banyarwanda baba mu Mahanga. | MINUBUMWE | PRIMATURE<br>MINALOC<br>MIFOTRA<br>MINAFFET<br>MINEDUC<br>UNITY CLUB<br>RCA, CSOs, FBOs, PSF | Nyakanga 2023 gukomeza |
| | | Gushyira imbaraga mu mbuga z'ibiganiro (safe spaces) mu nzego z'ibanze binyuze mu mahuriro y'ubumwe "unity forums". | MINALOC | MINUBUMWE<br>UNITY CLUB<br>CSOs, FBOs, PSF | Nyakanga 2023 gukomeza |
| | | Gushyiraho imbuga n'amatsinda y'ibiganiro (safe spaces) bihoraho bihuza urubyiruko cyane cyane urufite ibikomere bikomoka ku mateka aho batuye, aho bakorera no mu mashuri. | MINUBUMWE | MINALOC<br>MINEDUC<br>MYCULTURE<br>NYC, UNITY CLUB<br>CSOs, FBOs, PSF | Nyakanga 2023 gukomeza |
| | | Gushyira imbaraga mu biganiro bihoraho hagati y'abakuru n'ababyiruka bigamije kubasobanurira amateka no kubatega amatwi. | MINUBUMWE | MINALOC<br>MYCULTURE,<br>MINAFFET<br>UNITY CLUB<br>CSOs, FBOs, PSF | Nyakanga 2023 gukomeza |
| | | Gushyiraho Itorero mu nzego z'imirimo nk'urubuga ruganiririrwamo Ndi Umunyarwanda n'izindi ndangagaciro zitandukanye | MINUBUMWE | PRIMATURE<br>UNITY CLUB<br>CSOs, FBOs, PSF | Nyakanga 2023 – Kamena 2024 |
| | | Kongera imbaraga mu biganiro n' amarushanwa kuri Ndi Umunyarwanda mu mashuri Makuru na Kaminuza. | UNITY CLUB | MINUBUMWE MINEDUC<br>MYCTURE | Nyakanga 2023 – Kamena 2024 |
| | | Kongera imbaraga mu biganiro bya Ndi Umunyarwan-da bitangwa mu itangazamakuru. | MINUBUMWE | UNITY CLUB<br>RBA, CSOs, FBOs, PSF | Nyakanga 2023 – Kamena 2024 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| **8** | Gukora ubuvugizi (advocacy) ku nzego bireba imyaka yo kwemererwa kunywa inzoga ikaba 21 no kugira uruhare mu bukangurambaga bugamije gusaba urubyiruko rutaragira imyaka 21 y'ubukure kwirinda kunywa inzoga. | Gukora ubukangurambaga bwo kurinda urubyiruko kwishora mu biyobyabwenge harimo n'inzoga. | MYCUTURE | MINALOC<br>MINISANTE<br>MIGEPROF<br>RNP, NRS, NCDA | Nyakanga 2023 – Kamena 2024 |
| | | Gutegura ibiganiro biganisha ku ivugururwa ry'amabwiriza arebana no kunywa inzoga mu rubyiruko. | MINIJUST | MINALOC<br>MINISANTE<br>RNP | Nyakanga 2023 – Kamena 2024 |

## UMUGEREKA WA GATANU:

## ABARINZI B'IGIHANGO 2022

### Intangiriro:

Muri uyu mwaka, abasabirwa kuba Abarinzi b'igihango ni icumi (10), barimo Abanyarwanda bane (4) n'abanyamahanga batandatu (6). Barindwi (7) muri aba bitabye Imana, harimo umwe (1) wishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, umwe (1) ntitwabashije kumenya amakuru ye ya vuba, naho babiri (2) baracyariho.

Abanyarwanda ni Musenyeri Joseph Sibomana (+), Porofeseri Jean Gualbert Rumiya (+), Sibomana Jean Népomuscène na Mizero Irénée.

Abanyamahanga ni Padiri Stanislas De Jamblinne De Meux (+), Padiri Réginald Greindl (+), Padiri Henri Bazot (+), Denis Gilles Vuillemin (+), Judith Vuillemin (Nta makuru ye ya vuba azwi) na Soeur Milgitha Paula Koïser (+).



### Musenyeri Joseph SIBOMANA

Sibomana Joseph yahawe isakaramentu ry'ubusaseridoti kuwa 25 Nyakanga 1940. Yatorewe kuba umushumba wa Diyosezi ya Ruhengeri muri Kanama 1961, muri Nzeri 1968 agirwa Musenyeri wa Diyosezi nshya ya Kibungo, ayiyobora kugeza kuwa 30 Werurwe 1992 ubwo yajyaga mu kiruhuko.

Mu buzima bwe yaranzwe n'ibikorwa by'urukundo no kurwanya ivanguramoko n'amacakubiri. Bimwe mu bikorwa by'ingenzi byamuranze twavuga nko kuba yarabaye uwihaye Imana wa mbere w'Umunyarwanda utarahigwaga watinyutse ku mugaragaro kuvuga ko Leta ya Gregoire Kayibanda yica Abatutsi, arwanya ivanguramoko n'amacakubiri byari byarimakajwe n'ubutegetsi bwa PARMEHUTU. Yamaganye mu nyandiko ubwicanyi bwakorewe Abatutsi muri Byumba mu mwaka wa 1962 bugahitana abarenga ibihumbi bibiri (2000). Mu mwaka wa 1963 yavuye mu Ruhengeri ajya kureba Perezida Kayibanda i Kigali amusaba guhagarika kwica Abatutsi.

Musenyeri Joseph Sibomana yitangiye kandi uburezi budaheza, maze kuwa 5 Ukwakira 1968 atangiza Iseminari Nto ya Zaza yizwemo n'abana b'Abanyarwanda batari bafite uko biga kubera politiki mbi y'iringaniza. Mu mvururu zo mu 1973, yaharaniye ko nta Mututsi wirukanwa mu mirimo no mu mashuri bya Diyosezi yari ayoboye, ahubwo yakira

abanyeshuri birukanwaga mu yandi mashuri.
Musenyeri Joseph Sibomana yari Umushumba utarangwa n'irondabwoko kandi akanga akarengane. Buri gihe yasabaga abanyeshuri, abayobozi n'abakozi ba yo kwimakaza ubumwe no kwitandukanya n'ivangura iryo ari ryo ryose kubera ko na we atigeze avangura kandi akaba yararanzwe no gutoranya abapadiri n'abarezi batabijyamo. We ubwe yashyize imbere kurera abana atabasumbanyije, arwanya ivangura aho riva rikagera, mu gihe nyamara politiki y'ubutegetsi bw'icyo gihe yavanguraga Abatutsi ku mugaragaro. Yashimangiraga ko umuhamagaro wa Seminari n'uw'abayibamo ugomba kuba uwo gushyigikira no kogeza inkuru nziza kandi inkuru nziza ntiheza, ni iya bose.

Muri Jenoside yakorewe Abatutsi, Musenyeri Sibomana yari mu kiruhuko cy'izabukuru i Rwamagana. Mu rugo rwe yakiriye abatutsi bahigwaga akora ibishoboka byose arabarinda, akajya aha Interahamwe amafranga ngo zitabica kugeza ashiriwe akajya abaha n'amafranga y'amahanga, ku bw'amahirwe Inkotanyi zihagera abo bantu bataricwa



## Prof Jean Gualbert RUMIYA

Rumiya yabaye umwarimu w'amateka muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda, i Butare n'i Nyakinama, akaba no muri komite ya MRND ku rwego rw'Igihugu na Perefegitura ya Butare. Mu buzima bwe, Rumiya yaharaniye ubumwe bw'Abanyarwanda ndetse arwanya na politilki mbi y'ivangura yaranze MRND n'abantu ku giti cyabo. Ibi yabigaragaje mu bikorwa, nk'aho ku ya 14 Ugushyingo 1992, Rumiya yandikiye Perezida Habyarimana Juvenal ibaruwa asezera mu ishyaka rya MRND kubera irondakoko n'irondakarere byarangagairyo shyaka. Urundi rugero ni uko ku ya 2 Ukuboza 1992, Rumiya yandikiye Mugesera Léo ibaruwa ifunguye, amubwira nka mugenzi we bari basangiye umwuga w'ubwarimu muri Kaminuza, amugaragariza ububi, ubugome n'ingaruka ijambo yavugiye ku Kabaya ryari rifite ku Banyarwanda no ku gihugu muri rusange. Iyo baruwa ya RUMIYA yanditse mu rurimi rw'igifaransa irimo impanuro nyinshi, ubumuntu, ubudahemuka n'ubutwari.

Ubuhamya bumutangwaho ku mibereho ye bwerekana ko Porofeseri Rumiya yari umuntu w'umunyakuri, ugira ubumuntu, wabanaga n'abantu bose nta vangura. Porofeseri Rumiya yari yarashakanye na Mukamudenge Veneranda tariki 9 Kanama 1975 babyarana abana batanu (5), akaba yarishwe tariki 4 Gicurasi 1994 yicanwa n'abana be bakuru batatu (3)



## Jean Népomuscène SIBOMANA

Sibomana yarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda 1994, aho ababyeyi be n'abavandimwe bose bishwe. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi yagize uruhare mu guharanira amahoro n'ubwiyunge mu gace avukamo i Rwankuba mu Murenge wa Murambi mu Karere ka Gatsibo.

Amaze gusoza amasomo muri Kaminuza mu 2008 yakoze muri Banki, nyuma ahitamo kwihangira imirimo ahereye ku butaka bw'umuryango yasigiwe n'ababyeyi be. Sibomana yifashishije isambu y'umuryango we yari imaze imyaka idakoreshwa, atangira umushinga wo kwihangira imirimo mbonezamubano, guteza imbere amahoro no kubaka umuryango. Mu bakozi akoresha harimo abakoze Jenoside babihaniwe kandi basaba imbabazi, umwe muribo niwe wishe nyirakuru ubyara se, harimo kandi abarokotse Jenoside. Mu bandi Sibomana yahaye akazi harimo abana Gatete Jean Baptiste wahoze ari Burugumesitiri wa Komini Murambi wamaze Abatutsi muri Jenoside.

Sibomana yafashe kandi gahunda yo kubakira abamwiciye ababyeyi ndetse n'umuryango mugari we, agaruka i Rwankuba amaze kuba mukuru, aje ahasanga urwikekwe, asanga hari icyo akwiye gukora kugira ngo abahatuye bongere babe umwe, abinyuza mu guhanga imirimo, kuko yemera ko kwigisha ubumwe n'ubwiyunge bikomezwa no kuba abantu bafite ibyo bakora bibabyarira inyungu.



## Mizero Care Organization na Mizero  Iréné

Muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 Mizero Irené yari afite imyaka 9 gusa. Mizero yakuranye ipfunwe yatewe n'uko ababyeyi be bombi bagize uruhare muri Jenoside. Bamwe mu rungano rwe bamufashije gukira icyo gikomere, maze nawe yiyemeza gufasha urundi rubyiruko rugifite ibikomere, ashinga umuryango Mizero Care Organziation mu 2013. Uyumuryango ufite intego yo gufasha urubyiruko gukira ibikomere byatewe n'ingaruka z'amateka mabi ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ndetse na nyuma yayo.

Mubo uyu muryango ufasha gukira ibikomere harimo urubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, abavuka ku babyeyi bakoze Jenoside, abavutse ku babyeyi bafashwe ku ngufu mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi. Ikigamijwe ni ukurufasha kudaheranwa n'ihungabana, ipfunwe, agahinda no kwigunga; ahubwo bakomorana ibikomere, bagakora bakiteza imbere.

Kugeza ubu Mizero Care Organization (MoC) imaze gufasha urubyiruko rugera kuri 455 rukomoka mu Turere ikoreramo aho ruhurizwa ahantu hatekanye bagakorerwa icyitwa Group psychotherapy nk'uburyo bw'ubuvuzi bw'imitekerereze n'ibyiyumviro bya muntu.



## Padiri Stanislas De JAMBLINNE De MEUX

De Jamblinne yari umupadiri w'Umubiligi wabarizwaga mu muryango w'Abapadiri Bera. Aho yabaye hose kuva akigera mu Rwanda akoherezwa i Rwaza mu mwaka wa 1948 kuba umuyobozi w'amashuri, no mu zindi Paruwasi yabayemo haba i Kansi, Cyanika, Kaduha, Rusumo, Rushaki, Runaba na Nyagahanga no mu nkambi y'impunzi z'abanyarwanda i Muyinga mu Burundi mu 1994-1995, Padiri De Jamblinne yaranzwe n'ibikorwa by'ubumuntu n'urukundo rudasanzwe, cyane cyane mu bihe by'ubwicanyi u Rwanda rwanyuzemo. De Jamblinne yanagize uruhare mu bikorwa biteza imbere imibereho y'abaturage birimo kubaka amavuriro, imihanda, no kwigisha urubyiruko imyuga.

Ibikorwa bye by'ubutwari bigaragarira cyane mu buryo yarwanye ku Batutsi bo mu Bufundu, mu iyahoze ari Perefegitura ya Gikongoro, bahigwaga mu 1959, ndetse no mu 1963-1964. Ku itariki ya 24 Ukuboza 1963, impunzi z'Abatutsi zatangiye guhungira kuri paruwasi ya Cyanika. Ku itariki ya 29 z'uko kwezi padiri Sitanisilasi DEJAMBLINNE yandikiye perefe wa Gikongoro Andreya NKERAMUGABA amusaba kwita ku buzima bw'izo mpunzi z'Abatutsi, akarangiza amubwira ko niba adatabaye izo nzirakarengane ziri hafi kwicwa, zigizwe ahanini n'abagore n'abana, ko bizabazwa ubuyobozi bwa perefegitura, ko kandi n'Imana yo mu ijuru itazabimubabarira. Nubwo yageneye kopi inzego zo hejuru z'Igihugu, nta kintu na kimwe ubutegetsi bwakoze ngo buhagarike ubwicanyi.

Padiri De Jamblinne yitangiye gufasha impunzi z'Abanyarwanda hirya no hino aho zari zarahungiye mu mahanga, ndetse nyuma y'ihagarikwa rya Jenoside yakanguriye impunzi zari mu nkambi ya Muyinga i Burundi gutaha.

Urugamba rwo kubohora igihugu rutangiye, Padiri De Jamblinne ni umwe mu banyamahanga bakomeje gukorera mu bice byari byarigaruriwe na FPR Inkotanyi. Muri 1991 yabaga muri Paruwasi ya Runaba mu Karere ka Burera, akaba yaranze guhunga ngo ave mu bice byari byarigarurirwe na FPR Inkotanyi nkuko benshi muri bagenzi be babikoze, akomeza kujya asomera Missa abakristu no gukora indi mirimo yari mu nshingano ze.


Jenoside yakorewe Abatutsi ikimara guhagarikwa, Leta y'Abatabazi yashishikarije abaturage guhunga igihugu, Padiri De Jamblinne yanze gusubira i Burayi nka benshi muri bagenzi be. Yavuye mu Rwanda mu mwaka wa 2015 kubera izabukuru. Yatabarutse kuwa 12 Ugushyingo 2021, i Buruseri mu Bubirigi, afite imyaka 99, harimo 74 yamaze mu Rwanda.



## Padiri Reginald GREINDL (1927-2014)

Greindl ni umupadiri w'Umubiligi uzwi cyane ku kuba yaritangiye uburezi mu Rwanda, cyane cyane akaba yarayoboye Koleji ya Mutagatifu  Andereya i Nyamirambo igihe kirekire. Iyi Koleji yatangiriye i Rwamagana mu 1957 itangijwe n'abapadiri batatu (3) bo muri Diyosezi ya Namur aribo Padiri Reginald Greindl, Padiri Chanoine Jacques Cuvellier na Padiri Jacques Noël. Nyuma iri shuri ryaje kwimurirwa i Kigali mu 1958 hafi ya Kiliziya Sainte Famille, nyuma ryubakwa i Nyamirambo aho rikiri kugeza n'ubu. Imirimo yo kubaka Koleji i Nyamirambo yatangiye mu 1962, inyubako zitangira gukoreshwa mu 1964. Padiri Reginald Greindl yabaye uwa kabiri wariyoboye nyuma ya Padiri Chanoine Jacques Cuvellier. Ku buyobozi bwe yaranzwe no kwigisha abana b'abanyarwanda bavaga mu miryango ikennye bagira ubumenyi n'uburere byababafashije gukomeza amashuri no guteza imbere Igihugu.

Nyuma y'ubwicanyi bwahitanye Abatutsi n'abari abayoboke bakomeye ba UNAR mu Ukuboza 1963, Greindl yafashije imfubyi n'abapfakazi basigaye, abubakira ku Mumena. Nyuma yo gutuzwa, Padiri Greindl yakomeje kwita kuri abo bapfakazi n'imfubyi mu buryo bwose, harimo gukurikirana imyigire y'abana, kubategurira ibirori by'iminsi mikuru kugira ngo batigunga bakibuka ko ari imfubyi, gufasha abarwaye n'ibindi. Kubera ibikorwa bye by'ubumuntu, ubutegetsi bwa PARMEHUTU bwamwirukanye mu gihugu mu 1966, bumushinja kubangamira umutekano w'igihugu.



## Padiri Henri BAZOT

Bazot ni umupadiri w'Umufransa wo mu muryango w'Abamisiyoneri b'Afurika (Abapadiri bera) wagize uruhare rukomeye mu kwamagana ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi mu ntangiro y'imyaka ya 1960. Mu Ukuboza 1963, Bazot wari i Nyamasheke, yatabarije imiryango y'Abatutsi barenga ijana biciwe ababo imirambo yabo ikajugunywa mu ishyamba rya Nyungwe.

Padiri Henri Bazot niwe wa mbere wamaganye ubwo bwicanyi, avuga ku mugaragaro mu nama y'abakuru b'inama ba Paruwasi ko ubutegetsi bwa PARMEHUTU bwica, bugafungira abantu ubusa. Ku wa 22 Mutarama 1964 Bazot yandikiye uwari Perefe wa Cyangugu, Pascal Ngirabatware, yamagana ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi muri iyo Perefegitura. Iyo baruwa ya Padiri Henri BAZOT yayanditse avuga ibyo yiboneye, yerekana ubugome bwakoreshejewe mu kwica Abatutsi b'i Cyangugu. Ku wa 15 Mutarama 1964 Padiri bazot afatanyije na Mugenzi we Hansjörg Gyr bandikiye itangazamakuru ry'i Burayi barimenyesha ubwicanyi bwariho bukorwa Abatutsi mu Rwanda.

Kubera aya mabaruwa atabaza, ubutegetsi bwa Repubulika ya mbere bwamwirukanye mu Rwanda. Padiri Bazot yabanje guhanishwa gufungishwa ijisho, ntiyemererwa gusohoka i Nyamasheke, abuzwa no kongera gusura abakristu be, nyuma yirukanwa i Nyamasheke asimbuzwa Padiri Rushita wari mwene nyina wabo wa Juvenali Habyarimana icyo gihe wari umusilikare mukuru mu gihugu.



## Denis Gilles VUILLEMIN

Denis Gilles Vuillemin n'umugore we Judith Vuillemin ni Abasuwisi babaye mu Rwanda mu ntangiriro z'imyaka ya 1960, aho yari umukozi w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Burezi wari waraje kwigisha muri groupe Scolaire ya Butare;

Yatabarije Abatutsi barokotse ubwicanyi muri Perefegitura ya Gikongoro mu Ukuboza 1963 bari bahungiye kuri Paruwasi ya Kaduha n'iya Cyanika. Yagiye yandika umunsi ku munsi uko ubwo bwicanyi bwakorwaga icyo gihe. Yandikiye ibinyamakuru n'imiryango mpuzamahanga yamagana ubwo bwicanyi bwakorwaga n'ubutegetsi, yamagana abanyamahanga bari mu Rwanda bicecekeye. Yafashe icyemezo gikomeye cyo gusezera ku kazi ke kubera ko yananiwe kwihanganira Jenoside yakorerwaga abarimo n'abanyeshuri yigishaga.

Vuillemin ni we wa mbere wakoresheje iryo jambo Jenoside. Yabivuze yitegereje imigendekere y'ubwicanyi bwakorewe Abatutsi mu Cyanika n'i Kaduha asanga bwujuje ibya ngombwa byose biteganywa n'amasezerano mpuzamahanga yo muri 1948 arebana n'icyaha cya Jenoside.

Ubutegetsi bwa Kayibanda bwafashe icyemezo cyo kumwirukana mu Rwanda. Ageze mu gihugu cye yakomeje kumenyekanisha amakuru y'ubwicanyi bwakorewe mu Rwanda no gufasha impfubyi n'abanyeshuri yasize mu Rwanda kugira ngo babone imibereho, harimo no kubashakira za buruse, bamwe muri bo ashobora kubajyana kwiga mu Busuwisi bishyurirwa n'abagiraneza.

Denis Gilles Vuillemin yitabye Imana tariki 30 Ugushyingo 2020 I Neuchâtel mu Busuwisi.



# Judith VUILLEMIN

Madamu Judith Vuillemin yafatanije n'umugabo we, Denis Gilles, gutabariza no gufasha impunzi z'Abatutsi zarokotse ubwicanyi bwakorewe muri Perefegitura ya Gikongoro, zikaba zari zarahungiye kuri paruwasi ya Cyanika.
Ku matariki ya 3 n'iya 18 Mutarama 1964 yandikiye amabaruwa abari bakuriye icyitwaga Swiss Committee for UNICEF amenyekanisha ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi ku Gikongoro.

Judith Vuillemin yafatanyije n'abapadiri batatu bari muri Paruwasi ya Cyanika n'inshuti ze z'abazungu bakusanya inkunga y'imyambaro, ibiribwa n'ibiringiti babishyikiriza impunzi zari zahungiye kuri Paruwasi ya Cyanika, ndetse basaba abaganga bakiri bato bafunga umwuka bajya kuzivura. Bafatanyije n'Abafurere b'Urukundo bo muri Groupe Scolaire i Butare, batwaraga inkomere zirembye cyane bakazijyana kuzivuza ku Bitaro bya Butare bakagarukana amakamyo y'ibiribwa.

Muri icyo gihe cy'ubwicanyi, Judith Vuillemin yahuruje za ambasade n'amashami y'Umuryango w'Abibumbye byakoreraga mu Rwanda ababwira ibyo yiboneye, kubera ko ari bwo buryo bwonyine yumvaga bwashyira igitutu kuri Leta ikareka gukomeza kwica inzirakarengane z'Abatutsi. Yashenguwe cyane ariko no kubona ko ikibazo cy'Abatutsi bo mu Rwanda kititaweho uko bikwiye.

Judith Vuillemin yavuye mu Rwanda muri Werurwe 1964 ajyanye n'umugabo we Denis Vuillemin wari umaze kwirukanwa azira kuba yarise ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi.



## Soeur MILGHITA Paula Koïser

Milgitha Paula Koïser ni Umubikira w'Umudagekazi w'umuganga wageze mu Rwanda muri Nzeri 1973. Yabarizwaga mu Muryango w'Ababikira b'aba Saint Clément de Münster. Yakoreraga ibikorwa byo guteza imbere ubuvuzi ku Kigo Nderabuzima cya Kaduha muri Perefegitura ya Gikongoro kugeza yitabye Imana muri 2016.

Igihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi yakiriye impunzi zisaga 45,000 zahungaga ubwicanyi, abaha ibiryo yari afite, abaha igikoma abonye bigiye kumushirana yiyambaza Caritas ya Diyosezi ya Gikongoro ku bakuru be yayoborwaga na Madeleine Raffin w'Umufaransakazi ariko bamutera utwatsi.

Mu ijoro ry'itariki ya 21 Mata abo Batutsi bose barishwe harokoka abagera ku 103 Milgitha yari yahishe mu Kigo Nderabuzima. Abicanyi bishe aba Batutsi bari bayobowe na Ajida Ildephonse Ntamwemezi barimo abategetsi, abasirikari, abajandarume, Interahamwe n'abaturage b'Abahutu. Yakomeje kwita ku imfubyi zari zarokotse ubwo bwicanyi, nubwo Atari ashyigikiwe n'ubutegetsi ndetse na bagenzi be.

Uyu mubikira Milgitha ni ho yagaragarije ubutwari kuko yatanze amafaranga menshi ayaha abicanyi kugira ngo badatera Ikigo Nderabuzima cya Kaduha ahari hihishe Abatutsi bagera ku ijana na batatu (103) barimo abana bari batarageza ku myaka 20. Byageraga nijoro agafata abakozi be bacye yizeye kuko abandi bari babaye abicanyi, akabamurikira bakagenda bareba niba hakiri umuntu ugihumeka akabazana muri centre de santé akabavura, akanabagaburira, akabondora, akajya abikora atyo yihishe kugeza aho abahageze bose barokoka.

Taliki ya 10/06/1994 abayobozi barimo Superefe Hategekimana Joachim afatanyije na Padiri Athanase Nyandwi baraje batera ubwoba Milgitha ngo nahunge Abasilikare ba APR bageze hafi, ariko ahita abibona ko bashaka ko abava mu maso bakarangiza umugambi wabo bakica abo yari ahishe muri wa mugambi wo kudasiga n'uzabara inkuru. Yaratekereje maze yigira inama anyarukira i Butare asaba CROIX Rouge n'Umuryango mpuzamahanga Terre des hommes ko baza bakamutwarira abo yari ahishe. Taliki ya 13/06/1994 baraje batwara abana 70 gusa; abari inkomere bakuze babasiga aho maze basigara mu maboko y'umuganga witwa Dr Gasana Ignace nawe wahishe abanyeshuli b'Abatutsi barenga 37 bigaga mw'ishuli rya Ecole des Sciences Infirmières (ESI) yayoboraga i Kaduha. Taliki ya 23/06/1994 abo bana bahungishirijwe i Burundi babavanye ku Karubanda i Butare aho babegeranyirije n'abandi batoraguwe hirya no hino. Mbere yo kugenda Milgitha yasigiye Dr

Gasana amafaranga menshi yifashishije mu kugurira abasirikari n'Interahamwe bahoraga bashaka kuza kwica abo yari ahishe. Milgitha nawe yavuye i Kaduha taliki ya 15/06/1994 abonye ko abana babajyanye.

Amaze kumenya ko FPR yabohoye abanyarwanda mu menyo y'abicanyi taliki ya 27/08/1994 yiyemeje kugaruka n'ubwo abamuyoboraga batabyumvaga aragaruka akomeza imirimo ye i Kaduha.Yaraje asubiranya ibyangiritse, yegeranya imfubyi, abana barokotse abaha ibikoresho basubira mu mashuli, abapfakazi arabafasha, afasha gushyingura abacu mu cyubahiro igihe byari bigoye kuri 18/03/1995 niho bashyinguye bwa mbere i Kaduha.

Taliki ya 20/12/2015 niho yajyiye mu Budage arembye cyane maze bahita bamushyira mu bitaro i Bonn baramuvuye birananirana yitaba Imana taliki ya 03/02/2016 nyuma y'imyaka 80 yari amaze kw'isi kuko yavutse 1936.

## UMUGEREKA WA GATANDATU:

## IJAMBO RY'UHAGARARIYE ABARINZI B'IGIHANGO MU IHURIRO RYA 15 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI, KUWA 12 UGUSHYINGO 2022 INGORO Y'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO, KIMIHURURA

**Nyakubahwa Madamu wa Perezida wa Repubulika, Mukaba n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri,**

**Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,**

**Rubyiruko Rungano rwanjye,**

*Mu izina ry'Abagizwe Abarinzi b'Igihango uyu munsi no mu izina ryanjye bwite;*

Nagira ngo munyemerere mbanze nshimire ubuyobozi bwiza bw'igihugu cyacu by'umwihariko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda na Madamu wa Perezida. Nshimire kandi ku bw'iyi ntambwe ntagereranywa yo gushyirwa mu ngamba nk'Abarinzi b'Igihango. Hari bake bakiriho n'abandi batabarutse. Turabashimira ko nabo bazirikanywe, ibikorwa byabo byiza bigahabwa agaciro. Guhemba Abarinzi b'igihango ni urugero rufatika rw'ukuntu Nyakubahwa Perezida wa Repubulika na Madamu wa Perezida bahora bahangayikiye kudutoza ibyiza no kuturemamo ubumuntu.

*Nyakubahwa First Lady,*

Abanyarwanda benshi hirya no hino mu gihugu, mu buryo butandukanye, bagizweho ingaruka na Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Buri wese afite amateka n'ubuhamya yihariye kandi bishobora kurushaho kumuhungabanya mu buzima n'imibereho ya buri munsi, igihe yaba atabonye ubufasha, cyane cyane bugamije kumukura mu bwigunge. Dushingiye ku cyerekezo cya Unity Club Intwararumuri, Nyakubahwa First Lady, mwatweretse neza ko guhitamo ubudaheranwa ari ko gukira. Uko mwakijije benshi ibikomere natwe tuzaharanira gukiza abandi, bityo umurage mwaturaze wo kudatatira igihango cy'ubunyarwanda natwe tuzawurage abazadukomokaho.

Nk'uko tubizi, Intego Nshingiro ya Unity Club Intwararumuri yo kwimakaza ihame ry'Ubunyarwanda ni cyo gihango abanyarwanda twese dusangiye, ni narwo rumuri ruzatumurikira iteka mu nzira y'Iterambere rya buri wese by'umwihariko, ndetse n'igihugu muri rusange. Ni nawo muti uzakiza ibikomere abanyarwanda batewe n'amateka igihugu cyacu cyanyuzemo. Nkaba mbashimira, Nyakubahwa First Lady, ko ari abato ndetse n'abakuru, mwaduhaaruriye inzira ikomeje kutwerekeza mu mateka n'ubuhamya bishya, kandi bitubereye, bitwubaka, bikadutera ijabo n'ijambo.

Nitanzeho urugero, ababyeyi banjye bombi bahamwe n'ibyaha byo kugira uruhare muri jenoside yakorewe abatutsi 1994, barafungwa ku buryo nisanze ari njye nkurikirana ibyo mu rugo, ntangira kwigunga ku buryo natekerezaga ko nanjye nshobora kuba narakatiwe. Natangiye guhumuka ari uko mbonye nisanze mu bo Leta yishyuriraga amashuri binyuze muri gahunda ya MINALOC yo gufasha abatishoboye. Nibwo natangiye gusobanukirwa ko Leta y'u Rwanda itarobanura, ko amahirwe yose asaranganywa abanyarwanda bose nta kuvangura.

Ndi muri Kaminuza, nagize amahirwe yo gutanga ubuhamya bwanjye mu biganiro by'ubumwe n'ubwiyunge muri ONAP. Uko nakomeje kwitabira gahunda za Ndi Umunyarwanda, byaranyomoye. Maze gukira, nafashe igihe ntekereza ku rungano rushobora kuba rugiheranwe n'ingaruka z'amateka y'ubuzima bukomeye rwanyuzemo

cyangwa rwabayemo muri Jenoside yakorewe abatutsi ndetse na nyuma yayo. Ni uko muri 2013 dushinga umuryango Mizero Care Organization wo gufasha bene urwo rubyiruko gusohoka mu bwigunge, gukira ibikomere no kurufasha kwiteza imbere no guteza imbere igihugu.

Nyakubahwa First Lady, ndabashimira ko mu 2017 Nyakubahwa mwashimye ibikorwa by'uwo muryango wacu Mizero Care Organization, ibikorwa mu gufasha urubyiruko guhangana n'ibibazo by'ubuzima bwo mu mutwe no gutanga umusanzu mu iterambere ry'igihugu, mukaba mwarabiduhereye igihembo cy'urubyiruko rw'indashyikirwa. Muri 2021, umushinga wacu wa VUGUKIRE mwawuhembye nk'umushinga ukoresha ikoranabuhanga mu gutanga ibisubizo ku buzima bwo mu mutwe. Byanadushoboje kandi kuba mu mishinga ikiri mito 30 yo muri Afurika ikorera muri Health Tech Hub Africa muri Norrsken Kigali House.

Ngarutse ku b' uyu munsi twagizwe "Abarinzi b'Igihango", uretse igihango cyo gukunda u Rwanda n'Abanyarwanda, guteza imbere ubumwe n'ubudaheranwa, Nyakubahwa First Lady, umugisha wa Kibyeyi muhora muduha mugushyigikira ibikorwa byacu, ni ikindi gihango tudateze gutatira.

*Nyakubahwa First Lady,*

Kuri uyu munsi twagizwe abarinzi b'igihango, ni umwanya mwiza wo gutekereza ku ruhare rwacu n'inshingano zo gufatanya na buri mu nyarwanda wese mu kurushaho gusigasira ibyiza byagezweho mu gushimangira ubunyarwanda, isano muzi dusangiye. Bikaba umwihariko kuri jye, kuko uyu munsi nagizwe umurinzi w'igihango hamwe n'abagize uruhare rukomeye mu kurengera abicwaga muri Jenoside, mu gihe umuryango wanjye wo wagize ubugwari. Mfite ishyaka n'umuhate byo kuziba icyuho mparanira ko imbuto nasaruye muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda, nzazibiba mu rungano.

Nyakubahwa First Lady, Mu izina ry'Abagizwe Abarinzi b'Igihango uyu munsi no mu izina ryanjye bwite, tubasezeranije ko tutazatatira igihango cyo gukunda u Rwanda n'abanyarwanda, kandi ko urumuri mutumurikira rw'ubumwe n'ubudaheranwa, Nyakubahwa First Lady, ari rwo tuzakurikira duharanira gusakaza umucyo warwo kuri bose, dufasha abagifite ibikomere gukira, dusakaza ibigwi by'u Rwanda n'abanyarwanda, duhangana n'imvugo zibiba urwango n'amacakubiri, duharanira gufatana urunana mu nzira y'iterambere nta n'umwe usigaye inyuma bityo koko gahunda ya « Ndi Umunyarwanda » abe ariyo igenga kubaho kwacu.

*Murakoze.*

Design Layout and Printing done by Opera ltd, May 2023
Email: operarwanda@gmail.com